# Umurimo Uhebuje

Jeffersonville, Indiana, USA

05 Nyakanga 1964

1 Twubike imitwe, noneho, ngo dusenge. Mu gihe twubitse imitwe kandi imitima yacu ikaba iciye bugufi imbere y'Imana, ndibaza umubare w'abantu bari hano baba bafite icyifuzo bashaka ko Imana yibuka, bazamure gusa ikiganza? Noneho, komeza icyifuzo cyawe mu mutima wawe, mu gihe dusenga.

2 Mwami Yesu, Wowe Soko, Isoko idakama y'Ubugingo, dutembemo none, Mwami, kandi Utwezeho ukutizera kose n'icyaha cyose, kugira ngo tubashe guhagarara mu Bwiza Bwawe none aha, tuzi ko hari abafite ibyo bakennye muri twe; mu by'ukuri, tuzi ko turi abanyabyaha kandi ko tudakwiye umugisha n'umwe, ariko, iyo dutekereje ku Waje maze Akikorera ibyaha byacu! Rero, iyo Amaraso Ye ari aho, si twe tuba turi mu Bwiza Bwe, ahubwo ni We. Ni ijwi ryacu binyuze mu Maraso Ye gusa. Ni Amaraso Ye avuga. Yoo Mana, rero eza imitima yacu ho icyaha n'ukutizera.

Duhe icyo imitima yacu ishaka, kuko by'ukuri, icyo dushaka, ari ukugukorera. Muri icyo gihagararo cy'intege nke n'ukubabazwa, kandi mu gihe, rimwe na rimwe, iby'isi bitumeraho nk'ibihano, ngo bidutunganye; ni byo twabwiwe. Rero, avuga ati: “Mwe kuzatungurwa n'uko ibyo bigeragezo bisohoye.” Bifataniriza hamwe kutuzanira ibyiza no kudutunganya gusa, no kutugeza hariya hantu. Ubwo butayu bw'imyitozo, aho abakiranutsi bacurirwa ngo bahinduke abera, tugushimiye iyo myitozo, Mwami. Ntitwashakaga na mba, habe na busa, kugira icyo dukora gihabanye n'ubushake Bwawe. Ahubwo dusabye, Dawe, ngo ibi bintu bikutwegereze.

Kandi iyo imitwaro iremereye cyane ku buryo tutaba tukibasha gutera agatambwe, ni bwo tuzamura ibiganza maze tukarangururira Data wa twese. Rero Udusubize uri mu Ijuru, Dawe. Dukize, duhe ubuzima buzira umuze, ku bw'inyungu y'Ingoma y'Imana.

Ha Ijambo Ryawe umugisha muri iki gitondo, Mwami. Ijambo Ryawe ni Ukuri.

3 Noneho duteraniye hano, mu rusengero. Turasengera Mwene Data Neville, na Mwene Data Capps, na Mwene Data Collins, n'abandi babwirizabutumwa bose, n'abacungamutungo, abadiyakoni, n'abakristo bose, n'abashyitsi bari muri twe. Uyu utubere uwo tuzibuka bishyize kera, kubera Ubwiza Bwawe tubayemo.

Dutegereje ibikomeye hano muri iki gitondo, Mwami. Twatangaje ku munota wa nyuma ko hajyaga kuba inama. Dufite amarangamutima ko hari intego yo kugerwaho. Intego Yawe igerweho, Mwami. Kuko tubisabye mu Izina rya Yesu, mu gihe tuguciriye bugufi. Amina.

4 Ntibisanzwe kuba hano no guteranira muri uru rusengero rwuzuye abantu. Nari niteze ko ari nta muntu n'umwe uri buboneke hano muri iki gitondo, nshingiye ku kuba ari bwo na njye nkibimenya, ko najyaga kuba hano.

Duturutse muri Filadelifiya. Hanyuma, natahanye igitekerezo ko byari binkwiye gukomeza urugendo nerekeza muri Arizona, kugira ngo nitabire umuhango wo gushyingura incuti yanjye, kapiteni Jim Moseley, umuhungu nakundaga cyane wuzuye ubumana, akaba ari njye wamuyoboye kuri Kristo vuba aha, abavandimwe batatu bitwa ba Moseley. Umwe muri bo yahitanywe n'impanuka y'indege kiriya gihe, yahise agwa aho. Yamaze amasaha cumi mu birimi by'umuriro, mbere y'uko hagira umugeraho. Rero, Lee afite imyaka makumyabiri n'umunani, umugore we afite makumyabiri n'itandatu, akaba asize abana batatu bakiri bato; umukuru afite imyaka irindwi. Birababaje cyane. Ubwo bamuzanaga, byababereye ngombwa ko bamushyingura bukeye bw'aho. Rero, sinashoboye kujyayo. Hari icyo nanditse, cyangwa nohereje muri telegaramu, icyo numvaga cyavugwa, cyangwa icyo najyaga kuvugira mu muhango wo gushyingura Mwene Data Moseley. Haba ibyo bintu tutajya tubasha gusobanukirwa, ariko uko biri kose Itera byose gufataniriza hamwe kuzana ibyiza.

5 Turi hano, mu murimo w'Uwiteka muri iki gitondo, tuzi ko twizera Imana, ko tuzi ko Izatunganya ibintu ku bw'ineza. Icyo byaba cyo cyose, n'ishusho ibintu bifata, tuzi ko bigomba “gufaraniriza hamwe kuzana ibyiza”. Yarasobanukiwe. Nta kundi byamera. Rimwe na rimwe, ntitubasha kubisobanukirwa, hari ibihe ibintu bizamba, ariko kandi, tuzi ko ari Ukuri, kuko Bibiliya ivuga ko ari Ukuri. Kandi Bibiliya, kuri twe, ni Imana mu ishusho y'inyandiko.

Nyamara, tugomba kubona ahantu dushingira ukwizera kwacu. Kandi niba njye cyangwa undi wese muri twe, mu buzima, twashakishaga uburyo twakira mu buzima, tugatunga za miliyoni na za miliyoni z'amadolari y'amanyamerika, ariko ni iki tuzayamaza? Tugomba kugera ku iherezo ry'inzira, kandi ni iki ayo mafaranga azatumarira kiriya gihe? Murabona? Kandi ifaranga, ni ikintu cy'agateganyo, ni uburyo bw'imihahiranire, ariko ntiwarigurana Ubugingo. Imana yonyine ni Yo ifite Ubugingo.

6 Rero, tuzi neza ko turi hano mu ishusho y'igicucu. Kandi kuba hari igicucu, hagomba kuba hariho ikintu nyirizina. Nta gicucu kibaho hatariho ikintu nyirizina, murabona, kuko ari ikintu gifatika kigira igicucu cyacyo. Dufate ko ufite igicucu cy'ikintu runaka. Hagomba kubaho ikintu ahantu runaka, cyangwa, kugira ngo habeho ifoto, kugira ngo umucyo urase ku kintu runaka, na ho ubundi nta gicucu cyajyaga kubaho.

Rero, iyo tubonye ko ubuzima bwacu bwa hano buri mu ishusho y'igicucu, kandi tukaba tuzi ko turi mu ishusho y'ubuzima buri ahantu runaka, rero tumenya ko ahantu runaka hari ikintu gifatika cyamuritswe n'umucyo, bikaba byatanze igicucu kigaragara hano ku isi. Kandi turi icyo gicucu gusa. Ikintu nyirizina kiri ahantu runaka. Niba atari ko bimeze, ni njye muntu wahebuje abandi gushukwa mu isi; nahariye ubusa ubuzima bwanjye. Ariko nzi, ari nta gushidikanya na guke, ko ari aho. Murabona? Ngiyo impamvu itubesheje hano.

7 Kubabona muturuka ku rundi ruhande rw'igihugu, mu gihe mwararitswe ku munota wa nyuma, kandi rimwe na rimwe banakekeranya, rero numva mumpinyuje, iyo nje mu materaniro nk'aya; ntekekereza ko hano hari abantu nzi ko bagenze amagana n'amagana y'ibilometero mu modoka, ari nta kindi kibazanye hano uretse iminota mike y'amateraniro, uretse kwicara hano.

Vuba aha, hari umugore watubwiye ikintu cy'ingenzi, yaje kiriya gihe maze avuga ati: "Nimunyereke aho yakandagiye, nzamukurikira, ku butaka," ni ko yavuze, "kandi nzakira." Rero, hamwe n'abantu bafite uko kwizera muri mwe, kandi ukaba uri uhagarariye Kristo, rero ni iki twakagombye gukora? Twakagombye kuba maso cyane, kuko ataba ari wowe wenyine urimbura ku bwo kwibeshya, urimbura abandi bagukurikira.

Rero, nta dini na rimwe nzi habe n'ikindi cyose wagana. Hari ikintu kimwe gusa nshyiramo ukwizera kwanjye. Niba munyizera, nimukurikire ibyo mbabwira, kuko nizera Bibiliya, ni Ijambo ry'Imana. Ibindi bintu birananirwa. Byonyine ndi… Ni We Bugingo. Ni We Jambo.

8 Noneho, nzi ko mu… Iyo ndi hano, mbaherana igihe kirekire. Nasenze Imana, ubwo nagiraga mu mutima kuza none. Navuganye na benshi kandi nakira telephone nyinshi, n'ibindi! Byabaye ngombwa ko ngira abo nitaho muri bo muri iki gitondo. Hanyuma nibwira nti: "Mu by'ukuri, nta gushidikanya ko Mwene Data Neville ari bunsabe kubwiriza." Ubwo, hari ku wa gatanu. Nibwira nti: "Mwene Data Neville ashobora kunsaba kubwiriza. Kandi icyo gihe, rero nsaba Imana…" Harashyushye cyane, hashyushye cyane. Kandi habaye heza, Yatwoherereje akavura ngo gacubye ubu bushyuhe bwari bwabaye ubw'ikirenga, none Ikaba yaduhaye igitondo cyiza none. Nsabye ko ubugwaneza Bwayo bumanuke nk'imvura kuri buri wese muri mwe, muzahore mwibuka ko mwabaye hano muri iki gitondo. Ubuntu Bwayo n'imigisha Yayo bibabeho!

9 Ejo nimugoroba, nasuye incuti yanjye irwaye, Mwene Data Bill Dauch. Nta we mbona hano muri iki gitondo. Ku mpamvu imwe cyangwa indi, nta we mbona. Yoo, nguyu. Yego. Nibwiraga nti: "Umusaza w'imyaka mirongo urwenda n'umwe, kandi aracyagenda serwakira, hose mu gihugu, anyuze mu butayu, n'imisozi itwikiriwe n'urubura, no mu mihanda inyerera. Ntibimubereye ngombwa kubikora. Yagashoboye kuguma imuhira yiyicariye hamwe n'abagaragu n'abaja bo kumuhungiza, iyo ajya kubishaka." Ahubwo hari icyabaye kuri Bill Dauch, yavutse ubwa kabiri. Kandi icyo gihe, hari icyinjiye mu mutima we gituma impamvu ye rukumbi yo kubaho, ari ugukurikira aya materaniro. Rero, niba ngomba kuba akanwa k'Imana, mbese nabeshya incuti? Nabirutirwa no gupfa. Rero, ndakamubwira Ukuri kutavangiye guturutse muri iyi Bibiliya. Rero, ni Ijambo ry'Imana. Nta kindi nkora uretse gusugira mu ryo Yavuze.

Noneho, nashakaga gusoma muri Bibiliya.

10 Mbere y'uko dusoma, nifuzaga-nifuzaga kuvuga ko uyu mugoroba, ni ko nkeka, ni umugoroba w'ubusabane. Rero bamwe muri mwe b'ino… Mu bisanzwe, abandi bantu bashobora kuba bagiye gusubira iwabo, kuko bagomba kujya gukora. Bamwe muri mwe b'ino, bagize iri teraniro, mwibuke, bene Data bashinzwe umurimo w'ubusabane muri uyu mugoroba.

11 Noneho, ntegereje telefone yanyuma ngo njye muri Afurika. Ntibashakaga, ntibashaka kunyemerera ko ninjira nk'umwogezabutumwa. Rero, uburyo bwanjye rukumbi bwo kwinjira, hariya… Ngiye muri Kenya, i Bugande, no muri Tanganyika. Kandi uburyo bwanjye rukumbi bwo kwinjira… Icy'ibanze, amadini ntashaka kureka twinjira, kuko bashaka ko ngira icyo mbwiriza gishyigikira iki cyangwa kiriya, hariya muri Afurika. Kandi sinshaka kujyayo muri icyo gihagararo. Sinaba indyarya yo gukora ikintu nk'icyo. Rero, cyangwa nababwira nti: "Oya, mugabo, nzabwiriza icyo Imana izanshyira ku mutima gusa, nta kindi." Murabona? Kandi sinshidikanya ko atari yo nyigisho bashaka ko ntanga. Rero, imibatizo y'ubutatu, n'ibindi, bityo, no kujya impaka na bo. Ndabihakanye.

12 Ahubwo hawe na Mwene Data Boze ubutumire mu giterane gikomeye. Ari hafi yo gusobanukirwa n'ibyo twizera. Hanyuma, nasabye kwinjira nk'aho nari njyanyweyo n'uruzinduko rw'uruhigi. Nibandeka nkinjira, nk'aho njyanyweyo no guhiga… iyo mba nari mbonye uwambwira ko yanjyana guhiga, icyo gihe, ningerayo, muganga-muganga uri kuri ambasade ni incuti yanjye bwite, y'i Chicago. Kandi nimara kugerayo, Azavuga ati: "Mu by'ukuri, nguyu Mwene Data Branham, ari hano. Dukore amateraniro." Rero, igihe nzaba nageze hariya, amabsade ntishobora kumpakanira. Baramutse… Rero, bariho baragerageza gutunganya ibyo. Rero, mfite icyizere ko ibyo… Niba ari ubushake bw'Imana, bizagenda bitya. Murabona? Gusa-gusa biri mu biganza Byayo. Na ho ubundi, nzabibamenyesha.

Ndashaka…

13 Niba ari ubushake bw'Imana, rero, nashakaga kubwiriza ku Mpanda ndwi. Kandi ruzaba ari urwunge rw'ibiterane by'iminsi ikabakaba umunani, kandi byashoboka ko tutazateranira hano mu rusengero. Tuzagerageza kubona icyumba, hano.

Noneho, sinari narigeze kubitekerezaho, iki cyumba gishya bamaze kubaka hano kiri ahantu runaka nabonye Yesu bwa mbere mu iyerekwa. Ubu cyarubatswe, icyumba cyubatswe neza neza aho hantu; nagiye hariya kiriya gihe kukireba. Ubwo narebaga maze nkamubona Areba mu cyerekezo cy'iburasirazuba, muribuka ko mwanyumvise mbivuga, ni igihe nari hariya nsengera data; u-umusore, umubwirizabutumwa ukuri muto. Ni aho namuboneye. Intambwe imwe, naramurebaga; namurebaga mu rubavu. Nazengurukaga aho hantu, ngerageza kuvuga ijwi ryumvikana, mu murima w'indabo zitwa jene (genet). Nitegerezaga ubudatuza, maze ntiyigera Ahindukira. Rero, muhamagara mu Izina Rye nti: "Yesu." Abona guhindukira, Ategа amaboko, kandi nta bindi nibuka, kugeza bukeye. Ni bwo rero navaga mu murima, umuseke utambitse.

Rero, wenda Uwiteka azanyemerera mbwirize Impanda hariya. Aho ari ho hose, ubushake bw'Imana bube ari bwo bukorwa.

14 Noneho mufate Bibiliya zanyu, Yesaya, igice… igice cya 53 cya Yesaya.

Noneho, dufite icyizere ko Imana iri buhe umugisha uyu mwete udashamaje twagize wo guterana muri iki gitondo. Ni bwo tukiva i Filadelifiya, aho nari mu giterane cy'Abikorera b'Ubutumwa Bwiza Bwuzuye, nkaba narahumviye ubuhamya bwabo bunyuranye n'ibindi, hariya.

Hanyuma nda… mu nzira ngaruka, nari… Njye na Billy Paul, na Rebeka n'umwuzukuru wa ba Collins, ka Betty Collins. Billy ni umusinzirizi mwiza cyane, na ho Becky akarusha, hanyuma… Njye na Betty, twaraganiriye. Yari yicaye inyuma hamwe na Becky, ku ntebe y'inyuma. Kandi hari icyo nabonye kibera mu muhanda; maze, icyo gihe, hari ikintu cyankubise. Kandi Betty niba ari hano, yabonye ko hari igihe nahagaze kuvuga maze nkagira icyo nandika. Ni ho nakuye umutwe w'ikibwiriza cy'iki gitondo.

15 Noneho, duhagurutse ku bw'icyubahiro cy'Ijambo ry'Imana, mu gihe nsoma Yesaya, igice cya 53:

> *Ni nde wizeye ibyo twumvise, kandi ukuboko k'Uwiteka kwahishuriwe nde? (mwitegereze, bitangizwa n'ikibazo.)*
>
> *Yakuriye imbere ye nk'ikigejigeji, nk'igishyitsi cyumburira mu butaka bwumye, ntiyari afite ishusho nziza cyangwa igikundiro, kandi ubwo twamubonaga ntiyari afite ubwiza bwatuma tumwifuza. Yarasuzugurwaga akangwa n'abantu, yari umunyamibabaro wamenyereye intimba, yasuzugurwaga nk'umuntu abandi bima amaso na twe ntitumwubahe.*
>
> *Ni ukuri intimba zacu ni zo yishyizeho, imibabaro yacu ni yo yikoreye, ariko twebweho twamutekereje nk'uwakubiswe n'Imana agacumitwa nayo, agahetamishwa n'imibabaro. Nyamara ibicumuro byacu ni byo yacumitiwe, yashenjaguriwe gukiranirwa kwacu, igihano kiduhesha amahoro cyari kuri we, kandi imibyimba ye ni yo adukirisha.*
>
> *Yararenganye ariko yicisha bugufi, ntiyabumbura akanwa ke amera nk'umwana w'intama bajyana kubaga, cyangwa nk'uko intama icecekera imbere y'abayikemura, ni ko atabumbuye akanwa ke. Guhemurwa no gucirwaho iteka ni byo byamukujeho. Mu b'igihe cye ni nde witaye ku kuba yarakuwe mu isi y'abazima, akaba yarakubitiwe ibicumuro by'ubwoko bwe? Bategetse ko abahambanwa n'abanyabyaha, yari kumwe n'umutunzi mu rupfu rwe n'ubwo atagiraga urugomo, kandi ntagire uburyarya mu kanwa ke.*
>
> *Ariko Uwiteka yashimye kumushenjagura, yaramubabaje. Ubwo ubugingo Bwe buzitambaho igitambo cyo gukuraho ibyaha, azabona urubyaro, azarama, ibyo Uwiteka ashaka bizasohozwa neza n'ukuboko kwe.*
>
> *Azabona ibituruka mu bise by'ubugingo bwe bimwishimishe, bimuhaze. Umugaragu wanjye ukiranuka azatuma benshi baheshwa gukiranuka no kumenya, kandi azishyiraho gukiranirwa kwabo. Ni cyo gituma nzamugabanya mugabane n'abakomeye, azagabana iminyago n'abanyamaboko, kuko yasutse ubugingo Bwe akageza ku gupfa akabaranwa n'abagome, ariko Ubwe yishyizeho ibyaha bya benshi ka ndi asabira abagome.*

16 Data wa twese, Ijambo Ryawe ni Itara, Umucyo umurika inzira ya buri mwizera, ngo umwinjize mu Bwiza bw'Imana, mu gihe Uduteza imbere, nk'itara dufashe mu ntoke. Ntiwatanze Umucyo uhagije ngo tubashe kubona iherezo duhereye mu ntangiriro, kandi… ahubwo nyoborwa no kwizera. Ariko, nk'umuntu wakwambukiranya ishyamba ryijimye ninjoro, - kandi ni ho turi, - umucyo afite mu ntoke umushoboza gusa gutera intambwe imwe ku yindi. Inzira igana hejuru, ariko ibikenewe byose, ni ukugendana n'Umucyo. Rero, Umucyo urabagirane none ku Ijambo, kugira ngo uduteze indi ntambwe tugana mu Bwami bw'Imana. Kuko tubisabye mu Izina rya Yesu. Amina.

Mushobora kwicara.

17 Umutwe w'ikibwiriza mfite ku mutima cyo kubwira iteraniro uyu munsi, ni: Umurimo uhebuje.

Byashobora kugaragara nk'ibidasobanutse guhitamo Icyanditswe cyo muri Bibiliya nk'iki, kuri-kuri imwe mu mashusho arusha andi kugerageza kandi arusha andi gutera ubwoba yo muri Bibiliya, aho Bibiliya ivuga "uriya Mugaragu w'umukiranutsi wagiriwe nabi, kandi agashenjagurwa, kandi agashwanyaguzwa", kandi nkarenga ngakuramo umutwe w'ikibwiriza w'Umurimo uhebuje. Ntibisobanutse. Ariko nda…

Ngarutse mu bitekerezo, muri iki gitondo, mu gihe dusubiye inyuma, nkabikoraho imyaka mike. Nari natumiwe i Forest Lawn, muri-muri California, mu majyaruguru ya Los Angeles. Intego yanjye y'ibanze, ubwo najyaga yo, kwari ukujya kureba i-igituro cya-cya Aimee Semple Mcpherson, uwashinze umuryango w'Ubutumwa Bwiza bw'Imfuruka Enye. Rero nagiye ku gi-gituro cye. Kandi, n'ubwo ntemeranya n'uriya mugore, nk'umugabura w'Ubutumwa Bwiza, ariko, uko biri kose, mu mutima wanjye, ndashima kandi nkubaha icyo yarwaniye ishyaka, kiriya gihe, n'akarengane yihanganiye, ubwo yari akiri ku isi. Kandi iby'umuhungu we nkunda, imwe mu ncuti zanjye z'inkoramutima, Rolf McPherson.

18 Hamwe n'itsinda ry'abagaragu b'Imana, twagiye hariya. Kandi ba… nta gihe twabonye cyo kujya mu… ahantu batwikira imibiri, akaba ari ho bashyirira imibiri mu mukebe muto ku rukuta.

Kandi hari ibintu bigaragara hariya, urugero, Ifunguro Ryera. Rimurikirwa n'umucyo w'izuba ubwawo. Kandi bifashisha agakoresho kabashoboza… Iyo abantu binjiye, haba habona; hanyuma, iyo batangiye kuvuga, bugenda burushaho kwijima. Mu kanya gato, hahinduka umwijima, hanyuma abantu bagasohoka. Ni bwo haba Ifunguro Ryera mu mwuzuro waryo.

19 Umugore wari ufite ibanga ry'iyo mikorere, iy'ubugeni bw'ikirahure ngo bagere ubwo bakora icyo, mu by'ukuri, byahererekanijwe mu muryango, uhereye mu myaka itari mike ishize. Kandi ubwo bugeni bwahererekanijwe ku bana, kandi uwaheruki̇ye abandi yari igitsinagore. Bariho baboneza iyo shusho; kandi ubwo bacongaga bakanashyushya ikirahure, ubwo bashyushyaga agace kashushanyaga Yuda Isikaryota, karasandaye. Rero, bongeye kubigerageza, kongera gusandara. Avuga ati: "Wenda Umwami wacu ntashaka ko umwanzi We amushushanywa iruhande." Avuga ati: "Nikongera gusandara, ntituri bube tukirangije iyi shusho." Ariko icyo gihe, bigenda neza. Rero, nta gushidikanya, byari byiza cyane, kubona ko ibintu nk'ibyo bishobora kubaho.

20 Ariko, na none, kimwe mu by'ingenzi byanjyanye i Forest Lawn, cyari ikibazanyo kinini cya Michel-Ange, ikibazanyo cya Mose. Ubusanzwe, hariya, ni ishusho isubiwemo, si iy'umwimerere. Ariko by'ukuri wari umurimo uhebuje bidashidikanywa. Kandi, nk'uko nari aho, ndeba, nku-nkunda ibyo, ikntu gisa n'aho gifite icyo gihagarariye, kigize icyo cyigiramo.

Nkunda ubugeni, cyane. Nizera ko Imana iri mu bugeni. Nizera ko Imana iri mu muziki. Nizera ko Imana iri mu bidukikije. Imana iri hose. Kandi igihabanye n'icy'umwimerere cyose, ni igicuramye. Imana iri mu mbyino; atari imbyino nk'izo tubona hano. Ahubwo iyo abahungu n'abakobwa b'Imana bari mu Mwuka w'Imana, murabona, ni ibyo, ni ko kubyina. Ibiri amambu, imbyino twahaswe kubyina kugeza saa munani z'igitondo, hariya mu muhanda, ibyo, ni ukubyina gucuritse.

21 Ariko ibi, n'uriya murimo uhebuje Michel-Ange yakoze, hari icyo byamutwaye kugira ngo abigereho. Yari umuntu ukomeye, kandi ibyo byamutwaye igihe kinini mu buzima bwe, kuko byamutwaye imyaka n'imyaniko mu kugiconga. Gufata ikibuye cya marubure, byonyine, ugahora ugiconga. Kandi, murabona, hari umuntu gusa, umuconzi ubwe, wifitemo icyo agomba agerageza gukora. Ni We wenyine. Ushobora gutera agatambwe umusanga maze ukamubwira uti: "Ukurikiye iki mu kudondagura iryo buye?" Ku muntu utagira icyo abiziho, utazi ikiri mu mutima we, ni ubupfu. Ariko ku muntu, umuconzi ubwe, we, afite iyerekwa mu mutima we, icyo agerageza gukora, kandi agerageza guhanga ikiri mu mutima we, mu ishusho y'igihangano cy'urwibutso. Ni yo mpamvu agiconga muri ayo mabuye.

22 Kandi ibi, kugira ngo ubigereho, ugomba gutangira uko bikwiye, mu ntangiriro, kandi ugakurikiza urugero. Murabona? Ntushobora gufata ibuye rito, mu gutangira: "Tugiye gukora ibi dutya; oya, nizera…" Oya, hakwiye kubaho icyitegererezo gisobanutse cyane. Kandi aba afite icyo cyitegererezo mu mutima we. Ntiyashobora gutatira icyo cyitegererezo. Noneho, kugira ngo abashe kubigeraho, yagombaga kubanza kubyishushaniriza mu mutima we, kuko ari nta shusho y'ukuri ya Mose dufite; ahubwo byabaye ngombwa ko yiha, mu mutima we, ishusho y'icyo Mose yari cyo, mu buryo buboneye.

23 Nyamara, umunyabugeni nyawe uhumekewe, nk'umusizi nyawe, cyangwa umuririmbyi nyawe, cyangwa umuhanzi, cyangwa icyo ari cyo cyose. Ikigendanye n'ukuri cyose kigomba kunyura mu ihumekerwa. Michel-Ange byabaye ngombwa ko yakira uguhumekerwa kw'ishusho nyakuri ya Mose. Hanyuma arabyakira mu mutima we, ishusho ya Mose. Rero yigabiza icyo kibuye kinini cya marubure, atangira kugiconga akurikije icyitegererezo, no kugiha ishusho, no kukinoza, kugeza ubwo agera ku ishusho nyakuri y'icyo yari afite mu mutima we.

24 Rero, ubwo yageraga aho byose byari bitunganye, imfuruka zose ziburungushushuye, kandi hose

hasennye neza, n'amaso ameze neza neza nk'uko byakagombye, na buri gasatsi, n'ubwanwa, kandi byose bikaba uko byakagombye, yaritaje maze aritegereza. Nda-ndatekereza ku myaka n'imyaniko yamaze akora uwo murimo, n'ukuntu byamubereye ngombwa gukomeza mu mutima we iryo yerekwa, ry'icyo yari agiye gukora. Kandi mutekereze gato, iryo yerekwa mu mutima mu myaka myinshi, kugira ngo agire icyo akora gihuye neza neza na ryo! Yabanje kwakira iyerekwa, n'ukuntu byamubereye ngombwa gukora, akurikije iryo yerekwa, adacogora mu guconga! Kandi ubwo yarangizaga kukiboneza, ya shusho iboneye by'ukuri; yaritaje maze arayitegereza, ubwo yasozaga uwo murimo muri kiriya gitondo, n'inyundo ye mu ntoke…

25 Rero, ubwo iyo shusho y'amateka yuzuraga, yaritaje n'inyundo, cyangwa, inyundo y'umuconzi mu ntoke, maze arayitegereza. Maze ihumekerwa, ry'iyerekwa yari afite, ryari ryamuhaye inzira yo gukurikiza, ibyo byaramuhumekeye cyane, ku buryo ya… Yafashwe n'ihumekerwa, ku buryo atari acyigenzura, maze ayikubita mu ivi, ayibwira ati: "Vuga!"

None iyo shusho nini ifite ubusembwa mu ivi, mu ivi ry'iburyo. Neza neza hejuru y'ivi, nko muri santimetero cumi n'eshanu (cm 15) uvuye mu ivi, hari ahantu hafite uburebure bungana butya.

26 Nyuma y'icyo gihe yamaze cyose, mu myaka n'imyaniko, akora iki; hanyuma, munsi y'uko-uko gukongezwa, kubona isohora ry'icyo yari yarabonye mu mutima we no mu iyerekwa rye, n'iry'icyo yari yarifuje kubona, ko byari byarangiye. Kandi bimaze kurangira, yahumekewe cyane n'ibyo, ku buryo yibwiye ko umurimo we uhebuje wagombaga kumuvugisha. Yawukubise ku kuguru, arangurura ati: "Vuga!" Hanyuma igira inenge kubera icyo. Ya shusho ifite inenge kubera icyo.

Ku bwanjye, iyo nenge ni yo iyigira umurimo uhebuje. Sawa, wenda ku bw'u-umutima ubibona mu buryo bunyuranye, mutekereza ko yangiritse kubera icyo. Oya, ku bwanjye, ni cyo cyayigize icyo yari cyo. Mu by'ukuri, nyuma y'imyaka myinshi y'umurimo unoze kandi w'imvune, n'uw'ihumekerwa n'ibindi, ngo agere kuri icyo gikorwa nta bwo yaruhiye ubusa, igihamya cyari aho. Iyo shusho yari itunganye, akaba ari na yo mpamvu yiyamiriye ati: "Vuga!" Mu by'ukuri, yari yabonye imbere ye ko yari yashoboye gukora, gushyira mu bikorwa iyerekwa yari afite mu mutima we. Ni yo mpamvu, munsi y'uguhumekerwa, yakoze ikintu wakwita icy'ubupfapfa. Yayikubise yiyamirira ati: "Vuga!" Murabona, ntiyajyaga kubikora iyo aba yarabanje gutekereza. Ahubwo nta bwo yatekereje. Kwari uguhumekerwa kubona icyo yari afite mu mutima we kiboneka neza neza imbere ye.

27 Umurimo we, imvune ze, n'amajoro ye maremare, yicaye hamwe mu minsi myinshi. Wenda yaryaga umugati, agasena, agakomeza, akavuga ati: "Oya, si uku byagombaga kumera. Noneho bigomba kumera bitya", agakomeza agasena. Hanyuma, aho ayiboneye mu kubonera kwayo kose, ni bwo yabonye ukuri kwayo. Igicucu, icyo yari afite mu mutima we, cyari cyahindutse icy'ukuri, cyari cyahindutse igifatika, ni yo mpamvu byamurenze. Kandi byari iby'ukuri cyane ku buryo yiyamiriye ati: "Vuga!"

Ku bwanjye, cyari igicucu. Cyari igisingizo cy'umurimo we, umurimo we wamuhumekeye cyane, ku buryo atari acyigenzura, arayikubita maze avuga ati: "Vuga!"

28 Nahagaze hariya nitegereza iyo shusho y'amateka. Natekereje ku masaha uriya mugabo yayitayeho. Bavuze imyaka yayitayeho. Ariko kuri we bya-byashushanyaga, kuko wari umusanzu ku bugeni bwe bukomeye, ku gihangano cye gikomeye. Kandi ubwo, ku iherezo, yashoboraga kukirangiza, cyari giteye amabengeza.

29 Noneho tuve kuri Michel-Ange, tubumbe igitabo. Hanyuma tubumbure ikindi Gitabo, dusome amateka y'Umuconzi ukomeye, Ushoborabyose. Uwari ufite, mbere y'uko isi iremwa, mbere y'uko imfatiro zayo zishyirwaho, mu mutima We icyo Yashakaga, Yashakaga kurema umuntu mu ishusho Ye Bwite. Yashakaga kurema u-ukuri kw'icyari kimubereye iyerekwa, icyo Yari afite mu bitekerezo Bye.

30 Nyamara, ku bwa Michel-Ange, kiriya kintu cyabaye umusaruro w'igitekerezo cye.

Ni muri ubwo buryo, Imana yashakaga kurema umuntu mu ishusho Yayo, Umubumbyi ukomeye, maze Atangira gukora, kugira ngo Amubone. Kandi tubona, mu gihe Yashyiragaho ibintu Ihereye ku bikoresho. Ubwa mbere, wenda habayeho amafi, hakurikiraho inyoni, hanyuma haza inyamaswa zikurura inda hasi, n'ibindi byinshi Yaremye. Ariko, ku iherezo, Ibundikiye isi, nk'uko Yari Umuremyi, Yari ifite… Ntiyari nk'umuntu, buriya, umuconzi wagombaga gukoresha igikoresho cyamaze kuremwa kugira ngo aconge ishusho. Yari Umunyabugeni w'ibintu by'Iteka. Yari Umunyabugeni washoboraga kurema kandi Agashyiraho icyo afite gukora mu bitekerezo Bye. Cyangwa, mu yindi mvugo, Ashobora gushyiraho icyo ibitekerezo bye byifuzaga.

31 Ni uko Atangira umurimo, ku nyamaswa zikurura inda hasi, nk'i-i-inyamaswa nto ziri ku isi. Hanyuma, Ava kuri ibyo ajya ku bindi, by'ishusho yisumbuye. Hanyuma, Ijya ku nyamaswa zirusha izindi ubunini, nk'intare, igicokoma, idubu. Hanyuma, wenda Yagiye ku buzima bw'inkende n'inguge, n'ibindi. Nyamara, nta bwo ari ukuvuga ko ari ibinyabuzima byagiye bihinduka, nk'uko batekereza ko umuntu yaba yaravuye mu… Habayeho irema ryuzuye ry'ibintu byose; Imana yakoraga ikurikije icyitegererezo.

Ariko, ku iherezo, ikintu kimwe gitunganye cyabonetse ku isi, cyari umuntu. Hanyuma, Yashoboraga kubona Imwitegereza ko uwo muntu yasaga na Yo. Rero, ubwo Yamurebaga, buriya, uyu yari ishusho y'icyo Umuremyi we yari cyo. Noneho Imana yari igeze aho ishyiraho icyo Yashakaga, umuntu mu ishusho Yayo Bwite.

32 Nashobora kongeraho ibi, ubwo Yari imaze kurema umuntu, twavuga ko hari gito cyaburaga muri we, ni uko yari wenyine. Kandi ni uko Imana yahoze, Yonyine; Yari Uwiteka. None dore ko uwo muntu, wari mu ishusho y'Imana, na we, yari wenyine, ku isi. Rero, byabaye ngombwa ko Imukubita agashyi mu rubavu rw'ibumoso, kandi agace Yamukuyemo, ni ko Yamukuriyemo umugore, ntiyaba akibaye wenyine. Yari-yari, yari afite mugenzi we. Nguwo umurimo Wayo ukomeye.

33 Kandi Yo, nk'uko umunyabugeni ukomeye wese yayafata umurimo we uhebuje…

Sawa, icya mbere, Yari ifite umurimo uhebuje usa na Yo, Ubwayo. Ariko noneho, Ireba uwo murimo uhebuje wari wonyine, nka Yo, rero Yagabanije uwo murimo uhebuje Iwukubita mu rubavu, maze Irema umugore.

None ubu, kugira bombi babe umwe, Yabashyize, nk'uko byakorwa n'umunyabugeni ukomeye wese, ahantu ha-hari hatagiraga amakemwa.

U-umunyabugeni ntiyahanga umurimo uhebuje ukomeye, ngo hanyuma awufate maze awujyane kuwuta mu muhanda, cyangwa ngo awuhishe inyuma y'amazu. Nk'uko Umwami wacu yabitubwiye ati: "Nta wacana itara ngo aryubikeho intonga." Iyo duhindutse imirimo ihebuje y'Imana, nta bwo twihisha ahantu runaka. Tu-tugomba gusakaza Umucyo.

34 Rero Tubona ko, nyuma y'aho Ikoreye uwo murimo uhebuje, Yawushyize hano ku isi, maze Iwushyira ahantu hahebuje ahandi kutagira amakemwa, mu ngobyi ya Edeni. Yashyize umurimo uhebuje Wayo, ababiri bari bagize umwe, mu ngobyi ya Edeni. Mbega ngo Iranezezwa no kubona ko uwo murimo uhebuje wari umerewe neza. Yo, nyuma y'ibyo, tubona ko Yaruhutse; Yari inejejwe cyane n'umrimo Wayo.

35 Nyamara, mwibuke ko ku bwanjye, umurimo uhebuje, ari rya kubitwa ryavunguye umurimo uhebuje wa Michel-Ange, ishusho y'amateka ya Mose.

Kandi ni ikubita ryarangaje urubavu rw'umurimo uhebuje Wayo, ryakuyemo umugore. None ubu tubona ko babaye umuryango, umurimo uhebuje, mu ngobyi ya Edeni. Mbega ukuntu byari byiza! Hanyuma birayinezeza cyane, maze Iraruhuka. Ivuga iti: "Ngi-Ngiye kuruhuka."

Ariko, ubwo Yari iruhutse kandi Ifitiye icyizere umurimo Wayo uhebuje, umwanzi Wayo yaraje maze asanga uwo murimo uhebuje ukomeye. Maze mu bushukanyi bwe, yanyuze munsi y'i-inzitiro z'ingobyi, maze yangiza uwo murimo uhebuje. Yarawangije, akaba ari byo byawugushije.

36 Sawa, ndagerageza kugumya akajisho ku isaha. Nari nabajije Mikayire, umuhungu wacu, kuvuza inzogera nyuma y'iminota mirongo itatu, ariko nda… nta byo yakoze, kandi namaze gukoresha iminota mirongo itatu yanjye. Ahubwo ni… Turakomeza buhoro. Murabona? Sawa, sinshaka kurenga kuri aya mabwiriza. Ni njye washyizeho aya mabwiriza, murabona, kandi nda… ngibyo ibyo kurenga ku mabwiriza yawe ari byo.

37 Noneho mwitegereze, rero, uwo murimo uhebuje. Ubwo Satani yawigabizaga, umubeshyi, yaciye icyuho mu nzitiro maze-maze yangiza uwo murimo uhebuje. Mu by'ukuri, uburyo yabyitwayemo, ni iki… Yabyitwayemo ate? Ngiye kubisesengura biruseho. Uburyo yabyitwayemo, ni uko… Uwo murimo uhebuje wari uzengurutswe n'inzitiro z'Ijambo, Ijambo ry'Imana. Kandi uwo murimo uhebuje ubwawo, uwo muryango, wari mu bwihisho inyuma y'inkike z'iryo Jambo. Ariko ibango ryari ryarakuweho, ryari ryarakuwe ku cy'umwimerere, ryagiye mu rundi ruhande hanze y'inkike, akaba ari na byo byahaye Satani amahirwe yo kuryangiza. None ubu, nk'uko mumaze kumenya icyo mbivugaho, rero, sinzakenera kubivuga. Ariko umurimo uhebuje warakomerekejwe.

Gusa Umunyabugeni ukomeye, ubwo Yabonaga ukugwa k'umuryango We, k'umurimo uhebuje, Ntiyashakaga kuwurekera hariya, wubamye ku butaka kandi urimbutse. Yahise ajya ku murimo, wo kongera kuwubaka. Ntiyashakaga ko urimbuka, ko uguma hariya, utyo, iteka ryose. Mu by'ukuri, ni We Mana, rero, Ntiteze kugira ikiyinanira. Rero, Yahise ijya ku murimo, hanyuma Yongera kubaka umuntu mu ishusho Yayo Bwite.

38 Rero, turabona ko habayeho isi ya mbere y'umwuzure, aho byose byarimbutse, kuko amasezerano yari yarakozwe yari yarakozwe hari icyo babanje gusabwa: "Ni udakora ibi, cyangwa ni udakora biriya." Imana, Umunyabugeni ukomeye, yabonye ko umuntu atashoboraga - atashoboraga kurinda isezerano. Gusa nta byo yakwishoborera. Nta buryo buhari byonyine.

Mu kiganiro nari mfite mu kanya, hari uwo twavuganaga mu cyumba, ari hano ubungubu. Yavugaga ati: "Ahubwo Mwene Data Branham, hari ibintu byinshi muri njye, utunenge niyiziho", n'u-umugore

wuzuye ubumana.

Mvuga nti: “Ariko, tega amatwi, mushiki wanjye, we kwirebaho. Icy'agaciro ni icyifuzo cyawe n'icyo ugerageza gukora. Kandi niba ukunda Uwiteka by'ukuri, ugerageza kumukorera n'umutima wawe wose, akaba ari bwo amakosa yawe yose ahishwa mu Maraso y'Umwami Yesu.” Murabona? Murabona, Yaciye inzira.

39 Rero, Yatangiye, buriya, kubohora umuntu ku masezerano bari barakoranye, aho - aho Yavugaga iti: “Ni ukora ibi, Nzakora biriya.” Yatangiranye, n'uriya muntu witwa Aburahamu, Yahaye Aburahamu isezerano ritagira icyo asabwa. Uko Yatangiraga umurimo uhebuje, Satani yarawibasiraga, kuko Ijambo… Ariko ubwo Yatangiranaga na Aburahamu, Yavuze iti: “Namaze kubisohoza. Noneho, ibi, nta gisabwa, atari… : 'Nukora ibi, Nzakora biriya', ahubwo Namaze kubisohoza.” Noneho We, Umunyabugeni ukomeye, Yiyemeje kubona uwo murimo uhebuje.

Hanyuma, uhereye kuri Aburahamu, habayeho ba kimezamiryango. Kandi by'ukuri, ba kimezamiryango… Ni iki Imana iriho ikora, buriya? Iriho irongera kubaka uwo murimo uhebuje wari waraguye. Rero, mu mubare wa ba kimezamiryango, uwa mbere, tubona ko ari Aburahamu.

40 Noneho mwitegereze neza, umurimo uhebuje uhora ushinzwe ku rufatiro, igicongano. Ishusho y'amateka ya Michel-Ange, Mose, ni ikibuye cya marubure gifite ubujyejuru buri hagati ya santimetero 90 na 120. Ifite urufatiro. Rero, Imana, ubwo Yateguraga umurimo uhebuje, Yawushinze ku rufatiro rwa ba kimezamiryango, uwa mbere, yari Aburahamu, hakurikiraho Isaka, hanyuma Yakobo, haheruka Yozefu, imfuruka enye.

Nyamara, Aburahamu, buriya, yari urufatiro rwo kwizera. Dufate ko yari afite imfatiro enye. Urufatiro rwo kwizera, rwari Aburahamu. Urufatiro rw'urukundo, rwari Isaka. Urufatiro rw'ubuntu, rwari Yakobo, ubuntu bw'Imana kuri Yakobo; abantu bose barabizi. Ariko muri Yozefu hari ugutungana. Ni aho yashoboye gushinga iyo shusho y'amateka; si ku rufatiro rwa mbere, ahubwo ku rwa kane.

41 Aburahamu yari ahagarariye Kristo, nta gushidikanya. Isaka na we, ku bw'urukundo. Aburahamu, ku bwo kwizera. Isaka, ku bw'urukundo. Yakobo, ku bw'ubuntu Bwayo. Mu by'ukuri, Yakobo, risobanuye “umuriganya”, kandi ni cyo yari cyo, gusa ubuntu bw'Imana bwari kuri we. Ariko ku birebana na Yozefu, nta cyo wamunenga, uretse gukoboka buhoro, kuko urufatiro rugomba, na rwo, kuba umurimo uhebuje. Ubwo yabwiraga se, umuhanuzi ati: “Ubwire Farawo abantu b'umuryango wawe ari aborozi b'amatungo, bakareka kuba abashumba, kuko abashumba ari ikizira ku banyegiputa.”

Ariko ubwo wa muhanuzi ushaje yahingukaga imbere ya Farawo, yavuze ati: “Abagaragu bawe ni abashumba.” Rero, habayeho ugukoboka buhoro kubera icyo, murabona, ni cyo cyongera kumugira umurimo utunganye.

42 Rero, imfatiro zarashinzwe, mu kwizera, urukundo, ubuntu, no kugeza ku gutungana, muri ba kimezamiryango.

Noneho, umubiri, igice cy'umurimo cyiyongereye kuri uwo murimo uhebuje, cyari abahanuzi, ni ukuvuga Ijambo. Niringiye ko musobanukirwa. Murabona? Abahanuzi; nta bwo ari amategeko! Abahanuzi kuko abahanuzi bari Ijambo rihamijwe, rigize umubiri; bakareka kuba ba kimezamiryango. Abahanuzi; bari Ijambo.

Ku iherezo, mu gihe Yari yaratangiye mbere igihe kirekire, mu gihe cya Mose, maze Igakomezanya n'abahanuzi buri wese muri bo. Ku iherezo, kandi Yubakaga umubiri, Yagendaga arushaho kubyiyegereza. Kandi uwarutaga abandi bose, ni Yohana. Ni Bibiliya ibivuga. Ni Yesu ubivuga. “Mu babyawe n'umugore, nta wigeze kugereranywa na Yohana Umubatiza”, ni uko ari we washoboye kwerekana Ijambo.

43 Hanyuma, ku iherezo, umutwe ukomeye yarahageze, umutwe w'ibisigaye byose. Igice gisigaye cy'umubiri nta kindi cyajyaga gukora usibye kwamamaza We. Urufatiro rwashinzwe na kimezamiryango, ariko umubiri wubatswe n'Ijambo, ni ukuvuga abahanuzi. None dore ngo haraza Umutwe w'ibyo byose, Yesu yaraje. Buriya, iyo icyo gice kiri hariya, Umutwe, wateretswe hejuru yabyo, tubona ko muri We hari umurimo wuzuye w'Imana. Tubona ko muri We hari ishusho itunganye y'Ijambo, kuko ari We Jambo, umwuzuro w'Ijambo. Dore kandi bundi bushya, ngo Imana irongera kubona umurimo uhebuje.

Nk'uko Yesaya yabivuze ati: “Dore Umugaragu Wanjye, Umurimo Wanjye uhebuje, Uwo Nagiye ntangariza ibihe byose, icyo Kiremwa gitunganye cyari kigiye kuza. None nguyu imbere Yanjye, Aratunganye!” Yari aho, mu ishusho Yayo, Yari ishusho y'Imana! Mu by'ukuri, Yavuze, muri Yohana 14 iti: “Iyo umbonye, uba ubonye Data.”

44 Kandi na none: “Mbere na mbere hariho Ijambo, kandi Ijambo yahoranye n'Imana”, kandi Ijambo ryaraconzwe maze rishushanya icyo Ijambo ryari cyo mu ntangiriro. We, Ijambo, Yigaragarije mu Murimo uhebuje, wari mu ishusho Yayo Bwite, Imana yari yongeye kuboneka hariya, mu ishusho Yayo, mu ishusho Jambo ryihishuraga, mu mubiri wa kimuntu, Umurimo uhebuje.

Abahanuzi bose bari bafite ubusembwa; bariya bose bari igice. Ariko hano, ku iherezo, ibyo byose byavuyemo Umurimo uhebuje, Ikiremwa gitunganye, akaba ari nta cyo wamunenga, Yari ukugaragara gutunganye cyane k'Umwubatsi Ubwe, ishusho Ye Bwite yari yigaragarije mu murimo We. "Imana na Kristo ni Umwe", ku buryo Yashyize muri We Umwuka Wayo Bwite, kandi icyo gihe ni bwo ishusho ubwayo n'Umwubatsi bahindutse Umwe. Imana n'umurimo Wayo uconze, Umurimo uhebuje Wayo! Mu gihe Mose, umurimo wa Saint-Ange, wari… cyangwa ahubwo, wa Michel-Ange, wari umurimo uconze wari upfuye, kuko wari waraconzwe mu ibuye. Ariko hano, Umwubatsi Ukomeye, ubwo Yagezaga umurimo We ku gutungana, Yawinjiyemo.

45 Yamugejeje ku gutungana, uwo Mucunguzi wa muntu, utunganye cyane, wera cyane; kandi nyamara, ishusho Ye ntiyaduteraga kumwifuza. Ubwo uwo Mwana w'Imana nzima, wabyawe n'umwari, Yatunganaga cyane, Agaca bugufi cyane, Akagira ishusho y'Imana bya cyane, kugeza ubwo Umutware ukomeye, Wari yaratanze Ubugingo Bwe, Abinyujije mu bahanuzi… kandi Yari We Musozo w'abahanuzi bose. Yari atunganye cyane ku buryo Imana, imubonye, Yaramukubise, maze Iriyamirira iti: "Vuga!", nk'uko Michel-Ange yabigenje. "Vuga!"

Ubaza uti: "Byaba ari ukuri, ibi?"

Muri Mariko 9:7, turabona, ku musozi wo Guhindurirwaho, igihe Mose yari ari hariya, amategeko, igihe Eliya yari ari hariya, abahanuzi. Uhereye mu ntangiriro, ba kimezamiryango; ba data, amategeko, abahanuzi, bose bari hariya. Twumva Ijwi rimanuka riva mu gicu, Rivuga riti: "Uyu ni Umwana Wanjye Nkunda: mumwumvire!" Kandi niba bagomba kumvira, ni uko Agiye kuvuga. Ibyo, hari hasigaye iminsi mike gusa Agakubitwa. "Uyu ni Umwana Wanjye, Nishimira guturamo. Naramwiremeye. Byantwaye imyaka ibihumbi bine kugira ngo Muhagarike hano. None ubu, Atunganye ku buryo Ngomba kumukubita, kugira ngo Ashobore kuvuga. Mumwumvire! Ni We watunganijwe. Ni We Murimo uhebuje."

46 Mwibuke, Yari ahagarariwe mu bihe byose, mu Isezerano Rya Kera.

Tubona ko ari We Gitare cyakubiswe, mu butayu. "Ni Njye cya Gitare cyo mu butayu." Ariko ririya ryari rya Buye ritari ryagera ku gutungana. Ariko, munsi y'ingero, Cyakurikiraga itorero, kugira ngo Gishobore kwireherezaho abo Cyashoboraga kubikorera, ngo gihe Ubugingo abo Cyashoboraga kubuha. Ariko, rero, Yari cya Gitare cyo mu Butayu. Cyari kitarambikwa umubiri wa kimuntu. Cyari gusa mu ishusho y'ingero.

Mose yarayibonye, ahagaze kuri icyo Gitare. Yayibonye Ihita, maze avuga ati: "Ni umugongo w'umuntu." Murabona, Umuconzi yeretse Mose, wari ishusho ya Kristo, icyo Umurimo uhebuje wajyaga gusa na cyo nyuma yo gutunganywa. Yanyujije… Ye. Yashyize imbere ya Mose iyerekwa ry'uko Umurimo utunganye wajyaga gusa. Wari umugongo wa kimuntu, ubwo Yanyuraga hafi ye mu butayu.

47 Mwibuke, Michel-Ange, ibyo yashoboye gukora byose, ni ukwiyamirira, gukubita ishusho y'amateka, no kuvuga uti: "Vuga!"

Ariko hamwe n'Imana, byabaye andi mateka, Umuconzi ukomeye. Ubwo Yaremaga umuntu mu ishusho Yayo, atunganye cyane ku buryo Yamwigaragarizagamo, Imana yavugiye muri iyo shusho y'umuntu, kugira ngo Yerekane icyo Yari igiye gukora. Yari yaravugiye mu bahanuzi, bari bagize ingingo z'ishusho, mu gihe Yaganishaga ibyo byose ku Mutwe. Ariko ubwo Yageraga ku Mutwe, Yari ishusho yuzuye y'Imana; Yari ihibereye Ubwayo. Hanyuma Aradukubitirwa, none ubu Atubereye Umurimo uhebuje, Impano y'Imana, Yesu Kristo, Ubugingo Buhoraho. Niringiye ko tudateze kuzabyibagirwa.

48 Igihe tubona iminsi yijima, mu gihe tubona ibicucu bigwa! Mu gihe, ndabigennye nti: "Hasigaye ukuzenguruka guke kw'izuba. Iri shyanga ibyaryo byarangiye." Mwaba muzi… Ejo, hari tariki 4 nyakanga. Thomas Jefferson yari yasinye Itangazo ry'ubwigenge, we na bagenzi bafatanije kugira komite, maze inzogera y'umudendezo iravuga. Bitangazwa ko tubaye ishyanga ryigenga. Mu mateka, ntihigeze kubaho, habe na rimwe, demokarasi irenza imyaka magana abiri. Kandi ibyo, byabaye mu wa 1776, tariki 4 nyakanga. Rero nta myaka irenze 11 dushigaje. Yaba izahageza? Oya, nta byo yashobora, murabona. Imyaka cumi n'umwe. Kandi, ni ibishobora, bizaba bihabanye n'amateka yose.

49 Turabona uko icyo gihe cyari kimeze. Turabona uko abantu bari bameze. Turabona uburyo politiki yari ihagaze. Turabona uko isi yari ihagaze. Ntishobora gukomeza kubaho. Igomba kurohama, nka Titanike (Titanic). Igomba kurohama, kuko ibyo bintu bigomba kuva mu nzira. Ishyanga ribisa irindi, mu gihe risenyuka. Kandi ubu bwami bugomba gusenyuka, kimwe n'izindi ngoma zose, kugira ngo bubise ubwo Bwami buje, budashobora gusenyuka. "Twakira Ubwami budasenyuka", kubera iyo shusho itunganye Imama, Umurimo uhebuje.

50 Imana, ubwo yarebaga, Yarahumekewe cyane! Yara… cyane, kubona uko Yari iteye, no kubona i-ishusho Yari ifite, Yarahumekewe cyane, Izi ko byajyaga kuba Umurimo uhebuje, y'Umucunguzi, Yesu Umucunguzi. Rero, Imana, kugira ngo Ishobore gukubitwa Ubwayo, kuko, kugira ngo Yishyure imibabaro Yayo Ubwayo, Imana na Kristo bahindutse Umwe, kugira ngo Imana, muri iyo Shusho, Ibashe gukubitwa,

Ibashe kugira imibyimba. Ni yo mpamvu Yesaya yavuze ati: "Twamutekereje nk'uwakubiswe n'Imana, agahetamishwa na Yo. Ahubwo Yakomerekejwe kubera ibicumuro byacu, Ashenjagurwa kubera ugukiranirwa kwacu; igihano kiduhesha amahoro cyari kuri We, kandi imibyimba Ye ni yo Adukirisha."

51 Ishusho itunganye, Umuntu-Mana! Imana, mu ishusho, Yari yavuye mu Kitaboneka ijya mu iyerekwa, maze iyerekwa rishyirwa mu Ishusho. Hanyuma Ishusho irakubitwa, kugira ngo Ikitaboneka kibashe gusogongera urupfu, Umurimo uhebuje w'Imana.

Nta byo Yashoboye gukorera muri Mose. Nta byo Yashoboye gukorera mu bahanuzi. Yesaya wakerejwe inkero, ku buryo bamucagaguyemo uduce. Nta byo Yashoboye gukorera mu bahanuzi batewe amabuye. Nta byo Yashoboye gukora, kuko Itajyaga kubyumva; kuko hariya hari igice Cyayo gusa.

Ahubwo muri uwo Murimo uhebuje, hari umwuzuro w'Ubumana mu buryo bw'umubiri. Si Mose gusa Yashoboraga gukoreramo, ahubwo Yashoboraga kwishyira yose Ubwayo muri uriya Muntu, maze Igasogongerera urupfu inyokomuntu yose. Umurimo uhebuje w'Imana! Imana yarahumekewe cyane imureba, Uyu yahindutse Umucunguzi w'ibihe byose; kugira ngo Abazwe ab'ibihe byatambutse, abatubanjirije, n'aba none.

Amasezerano yose asohorera muri We. Yari Ugutungana ko gutungana. Ingero zose zasohoreye muri We. Mwene wacu w'Umucunguzi, muri Rusi na Bowazi. Umushigamategeko wacu, wok u musozi wa Sinayi. Umuhanuzi wacu, wavumbutse mu butayu. Ubwo Yamanukaga umusozi, Akavumbuka mu butayu, Agaturuka mu Iteka, hanyuma Agahinduka Umuntu, Ishusho itunganye!

52 Imana, uko ibihe byagiye biha ibindi, yacongaga ubudahwema; Inyuze muri ba kimezamiryango, Yubatse urufatiro Rwayo, maze Ibanyuza mu bintu binyuranye Yari igiye gushingaho urwo rufatiro. Kuri rwo, ni ho Yubatse Ijambo Ryayo, abahanuzi. Hanyuma, Igera ku Muhanuzi utunganye, Urufatiro rutunganye, iyerekwa ritunganye Imana yari ifite.

None ubu, kugira ngo ashobore kuvuga; ni We Jambo, kandi kugira ngo Ijambo ribashe kuvuga, Rigomba kwinjira muri iyo Shusho. Hanyuma, kugira Ishusho ibashe kuvuga, igomba gukubitwa. Yinjira mu Ishusho, rero, kugira ngo Ashobore kuvuga, Umucunguzi utunganye.Ingero zo mu Isezerano rya Kera zose zasohoreye muri We. Nk'uko nabigaga kiriya gihe, Yehova wo mu Isezerano rya Kera, ni We Yesu w'Irishya. Yego.

53 Nka benshi muri mwe, abagabo, abagore, b'urungano rwanjye; kera, twari dufite mu gihugu amamesero y'Abashinwa menshi. Ubwo Abashinwa batangiraga gutura hano, batungukiye ku nkombe y'Uburengerazuba maze bakomeza urugendo berekeza i Burasirazuba, kandi, icyo gihe, bari ubwoko butazi ururimi rwacu habe n'umuco wacu, ariko bari abameshi b'akataraboneka. Ntibashoboraga kwandika ku itike, kugira ngo ube washobora kumenya umwambaro wawe bwite.

Ariko wa mushinwa, yishakiye ipaki y'udukarita tutagira ikitwanditseho. Rero, iyo wazaga kumeshesha, yafataga ako gakarita, akagashishimura mu buryo runaka; akaguha agace, na we agasigarana akandi. Kandi, ni byiza, ni imikorere ijya kuruta iyo dufite ubu, kuko, iyo wagarukaga gushaka ibintu byawe, twa duce twombi twagombaga kuba mahwi. Ntiwajyaga kubyigana, n'iyo bijya kuba ngombwa. Nta buryo na buke bwo kubikora buhari. Ushobora kwigana inyuguti, ariko ntiwashobora kwigana iriya micikire. Kagomba guhura neza neza n'akandi gace. Ku bw'ibyo, imyenda yawe yanduye wabaga wazanye, washoboraga kuyisubirana witwaje ya tike, kuko iyo tike yabaga ihuye n'iyo umumeshi yabaga yasigaranye.

54 Kimwe n'ibyo, mu gihe Imana, Inyuze mu bahanuzi, kandi Ishingiye ku itegeko, Yaduciragaho iteka ku cyaha; kandi mu itegeko, nta buntu na buke buhaba, nta kindi rikora uretse kugushinja ko uri umunyabyaha. Ariko ubwo Yesu yazaga, Yari ugusohora, Yari u-ugusohora kw'ibyo Imana yari yarasezeranye byose. Yari ishusho yiranga, itunganye, y'isezerano. Ku bw'ibyo, amasezerano y'Isezerano rya Kera yose yasohoreye muri Yesu Kristo. Ntiyajyaga gushobora gusohorera muri Mose, ntiyajyaga gushobora gusohorera mu muhanuzi n'umwe, ariko yasohoreye mu Murimo uhebuje. Yari ahuye n'ibyo Yari yaravuzwe ko yajyaga kuba byose.

Kimwe n'ibyo Itorero na ryo rigomba kuzahura n'ibyo Imana yasezeranye byose. Rigomba kuba cya gice cyayikuweho. Rero, niba umwimerere ari Ijambo, ingingo zawukuwemo zigomba kuba ari Ijambo, kugira ngo zihure n'urubavu Rwawo.

55 Ku bw'ibyo, Umushinwa, washoboraga kubaza… Mu gihe itegeko riguciraho iteka, ryavugaga ko wanduye kandi ukaba ushinjwa icyaha, kandi ryashoboraga kugushyira muri gereza. Ariko, ubwo Yazaga, Yari cya Gice cyaburaga, cyashoboraga kuhagukura, maze kikakugarura ngo ugire ya tike yuzuye, ubucunguzi Imana yari yarasezeranye, hariya mu ngobyi ya Edeni. "Urubyaro rwawe ruzamena inzoka umutwe. Ariko gatsintsino Ke kazayikomeretsa - kazayikomeretsa mu mutwe."

56 Noneho turabona uwo Murimo uhebuje Imana yari yararangije. Nyamara, turabona ko Yari ibyo Imana yari yaramusezeranyeho byose. Ni We masezerano yose, ubuhanuzi bwose, ibyo Imana yari

yarasezeranye byose. “Urubyaro rwawe ruzamena inzoka umutwe.” Nyamara, Ntiyashoboraga kuyimena umutwe ikoresheje amategeko, Ntiyashoboraga kuyimena umutwe ikoresheje abahanuzi, ahubwo Yayimennye umutwe ubwo Urubyaro rw'umugore rwahindukaga Umurimo uhebuje, Kristo. Yari rya Buye Daniyeli yabonye, ryatogotse riva ku musozi. Yari Uwashoboraga gukubita. Yari Uwashoboraga kumena, kumena umutwe w'inzoka.

Ubuzima Bwe bwahuye neza n'ubwa Mose. Ubuzima bwe bwahuye neza n'ubwa Dawidi. Turebe niba ari ko bimeze, niba ari We cya Gice cyaburaga.

57 Mwitegereze, Dawidi, umwami wanzwe, wategekaga ubwoko bwe bwite. Umuhungu we bwite yarivumbagatanije, amwigomekaho, maze arema ibice kandi atandukanya ingabo za Isirayeli. Kandi Dawidi yirukanywe, ameneshwa mu mu ngoma ye n'abe.

Kandi ubwo yagendaga, hari umuntu wamwangaga, kandi yaragendaga, hariya, acira Dawidi. Umurinzi we avana inkota mu rwubati, avuga ati: “Sinamuca umutwe, iriya mbwa icira umwami wanjye?”

Dawidi avuga ati: “Mureke. Ni Imana yamutumye kubikora.”

Ntimubona? “Umuntu w'umunyamibabaro, wamenyereye intimba. Ahagaze hariya, asa n'Intama icecekera imbere y'abayikemura. Ba…” ni cyo yavuze. Wenda Dawidi ntiyari azi ibyo yavugaga.

Ahubwo nyuma y'imyaka magana atanu cyangwa magana atandatu, cyangwa irenga, Umwana wa Dawidi anyura muri iyo mihanda, maze bamucira ibikororwa mu maso. Ariko mwitegereze ibyabaye ubwo Dawidi yagarukaga aturutse mu bu… ubwo yahungaga, hanyuma agahunguka, ubwo yahungukaga, wa muntu yasabye amahoro maze amusaba kumugirira impuhwe. Ndetse n'abacumise igihe kimwe bazamubona, ubwo Azagaruka.

58 Kandi turabona, rero, muri Yozefu, ko Yozefu yari umwana w'imivukire itari isanzwe, igice cya nyuma, igice cyo hejuru cy'urufatiro, umurimo uhebuje wagombaga kubakwaho. Byavuye ku kwizera, bijya ku rukundo, ku buntu, maze biva aho bijya ku gutungana. Kandi byabaye bimwe, biva ku birenge, mu ntangiriro, bigera ku gutungana, muri Kristo. Mwitegereze uburyo Yashushanijwe muri Yozefu, igice cyo hejuru cy'urufatiro, urusha abandi gutungana.

Tubona ko Yozefu yabyawe n'umuryango we. Yabyawe n'umugore w'isezerano, mu by'ukuri, uwari umugore wa Yakobo. Mwitegereze kandi, ko mu ivuka rye, ise yaramukunze; bene se, bo, bamwanze ari nta mpamvu. Kuki bamwangaga? Kuko yari Ijambo. Mwaba mubona urufatiro ubwarwo? Mwaba mubona uburyo umutwe w'urufatiro waje? Rero, murebe ngo Umutwe w'Umubiri uraza. Noneho murebe ngo nharaza Umutwe w'Umugeni. Yari Ijambo. Baramwangaga, kuko yari bamenya. Yabonaga ibintu mbere y'uko biba, hanyuma akabitangaza. Byarasohoraga. Igihe byasohoreraga cyose, uko biri kose ntibyaheraga. Kandi, kuko yari umunyamwuka, yaciwe na bene se. bakabaye baramukunze. Ahubwo baramwangaga, kuko yari umuhanuzi kandi akaba umunyamwuka. Rero baramwangaga.

59 Mwitegereze, yaragurishijwe ku biceri bigera kuri mirongo itatu; bamujugunya mu rwobo, maze batekereza ko yapfuye, ariko rwa rwobo aruvamo. Kandi igihe cyo kugeragezwa cye, muri gereza; umuziritsi wa vino n'umuvuzi w'imitsima, tuzi ko umuziritsi wa vino yakijijwe na ho umuvuzi w'imitsima akarimbuka. Kandi muri gereza ya Kristo, ku musaraba, umuntu umwe yarakijijwe na ho undi ararimbuka; ibisambo bibiri, abagizi ba nabi babiri.

Kandi tubona ko yasohowe muri gereza aho yari ari, akajya iburyo bwa Farawo; nta washoboraga kuvugisha Farawo atabanje kubonana na Yozefu. Kandi iyo Yozefu yahagurukaga ku ntebe y'ubwami ya Farawo, impanda yaravugaga mu Egiputa hose, inzogera yararangiraga, bavugaga bati: “nimupfukame, mwese, Yozefu arahageze!”

60 Bizamera bityo kuri Yesu. Yakunzwe na Data, maze Yangwa n'abo bavandimwe b'abanyamadini, ari nta mpamvu. Yagurishijwe ibiceri mirongo itatu by'amafaranga, maze Arahambwa, aho Amariye gutanga (gupfa k'umwami). Ku musaraba: umuntu umwe yararimbutse na ho undi ararokoka. Yazamuwe Akurwa ku musaraba, maze Yicara iburyo bwa Data, mu Bwami, wa Mwuka ukomeye wari yigaragarije muri We. Kandi nta n'umwe wasobora kuvugisha Imana, atanyuze kuri Yesu Kristo. Mubitekerezeho! Kandi igihe Azahagurukira muri iyo Ngoma, Agatera agatambwe ati: “Impanda izavuga, ivi ryose rizapfukama kandi ururimi rwose ruzatura.”

Mwibuke, yari umwana w'ubkire. Icyo yakoraga cyose cyaramuhiraga. Haba muri gereza, cyangwa aho ari ho hose, ibintu byahindukaga byiza.

None ntiyasezeranye ko, ku bana Be, Yajyaga guhuriza byose hamwe kubazanira ibyiza? Bwaba uburwayi, gereza, urupfu, imibabaro, icyo ari cyo cyose, ibyo byose byajyaga guhuriza hamwe kuzanira ibyiza abamukunda. Ni byo Yasezeranye, kandi ni ko bigomba kugenda. Nta kabuza. Ibyo twarabimenyeshejwe, mu marenga, muri We. Yari ishusho itunganye y'Imana.

Noneho turanabona hano, ko, igihe Azagarukira…

61 Mwibuke, Yozefu, binyuze mu ihishurirwa, yakijije isi, binyuze mu buhanuzi bwe. Ari nta Yozefu, isi yajyaga gupfa.

Mu buryo bumwe, ari nta Yesu, isi yajyaga - yajyaga gupfa. "Kuko Imana yakunze abari mu isi cyane ku buryo Yatanze Umwana Wayo w'ikinege, kugira ngo umwizera wese atarimbuka." Imana ni Yo izigama Ubugingo.

62 Twajyaga gushobora gukomeza igihe kirekire! Mu by'ukuri, Yahuje neza neza na Dawidi. Yahuje na Mose. Yahuje na Eliya. Yahuje na Yozefu. Icyashushanijwe cyangwa kikagenwa na We cyose, mu Isezerano rya Kera, cyarahuje neza neza (ni iki?), ngo byerekane Umucunguzi utunganye. Kugira ngo tubashe gusubiza mu imesero imyambaro yacu yanduye, hanyuma tugasubirayo kuyizana. Yamesewe mu Maraso y'Umwana w'intama. Dushobora kubaza ibyacu. Kandi icyo Yapfiriye cyose, dushobora kukibaza. Rero, Yari Ijambo ritunganye, rifite ishusho.

63 Byanejeje Imana, Umuconzi ukomeye, kumukubita, no kubikora muri buriya buryo. Turamubona muri Yesaya, hano, nk'uko nabisomye nti: "Twamutekereje twese, twamuteye umugongo. Ishusho Ye nta gikundiro yari ifite", bose baramuvugaga, bamukwena. Ni We none aha, ndiho mvuga; bose baramuseka. Murabona? "Tumufata, twaramubonye." Gufata, bishaka kuvuga "kureba". "Twamufashe nk'Uwakubiswe n'Imana akanahetamishwa na Yo." Ariko Yo, Yabitewe n'iki? "Yakomerekejwe ku bw'ibicumuro byacu; Yashenjaguwe ku bwo gukiranirwa kwacu."

Noneho, twajyaga gushobora kubikomezaho igihe kirekire, ariko ntekereza ko mumaze kubonera hamwe icyo nshaka kuvuga, buriya, Imana yongera kubaka umurimo uhebuje Wayo.

64 Ariko twe kwibagirwa ko mu ntangiriro, ubwo Yaqkubitaga urubavu rwa Adamu, hari icyo Yakuye mu rubavu rwe.

Nyamara, niba Kristo yarakubiswe, hari impamvu, kugira ngo Ibashe kugira uwo ikura muri We, ngo Ikore umuryango, Umugeni; ngo Ibashe gukura muri We Umugeni. Rero, ubwo Umurimo uhebuje Wayo wagezwaga ku gutungana, ni bwo byabaye ngombwa ko Iwukubita, kugira ngo Iwukuremo, atari irindi bango, atari ikindi kiremwa, ahubwo urugingo rwa cya kiremwa.

Mwene Data, mwe kubyumva nabi, ahubwo mubitekerezeho akanya. Niba ari muri We, ikiremwa cy'ibanze, Yakuyemo igice kugira ngo Igikoremo Umugeni Wayo, Ntiyigeze yongera kurema ukundi, Yafashe urugingo rw'ikiremwa cy'ibanze. Muri icyo gihe, niba Yari Ijambo, icyo Umugeni agomba kuba ni iki? Agomba kuba Ijambo ry'ibanze, Imana nzima mu Ijambo.

65 I Kimberley, muri Afurika y'Epfo, igihe kimwe, narebaga za diyama, uburyo bazicukuraga. Kandi nazirebaga hasi. Ni uko, mu by'ukuri, umuyobozi w'uruganda, cyangwa w'ikirombe, yari umwe mu bashinzwe gahunda mu mirongo y'abasengerwa yanjye. Nabonye ko za diyama, zabaririrwaga agaciro k'ibihumbi by'amadolari, zari zirundanije aho, ariko zitarabagirana, ziri no ku zuba. Ni bwo nabazaga umuyobozi w'ibirombe nti: "Kuki zitarabagirana?"

Ansubiza ati: "Mugabo, nta bwo zari zacongwa. Zigomba kubnza gucongwa. Hanyuma, iyo zimaze gucongwa, ni bwo zirabagirana." Ngibyo.

Umurimo uhebuje ugomba gucongwa. Mwitegereze, uracongerwa iki? Mbese icyo gice cyakuweho? Oya, oya. Igice gikuweho, bagikoramo urushinge rwa fonogarafe, kandi urushinge rwa fonogarafe rushyirwa ku i-i-idisiki, umuziki utabonekera amaso y'isi. Ariko ni urushinge ruwusohoramo, rusohora igisobanuro nyakuri cy'Ijambo.

66 Ubuzima Bwe bwahuje n'amoko yose. Byanejeje Imana kumukubita. None, rero, ni iki Yamukubitiye? Kubera icyo byabereye ngombwa ko Ikubita Adamu.

Noneho turamubona Yahanwe, Yakubiswe n'Imana, kandi Agahetamishwa, Umwana w'intama utunganye, watambiwe umunyabyaha, abanyabyaha: Umurimo uhebuje.

67 Noneho, uhereye mu myaka ikabakaba ibihumbi bibiri, Imana, yongeye guhugira mu kumukorera Umurimo uhebuje. Mu by'ukuri, Yakubise Adamu ngo Imukuremo i-… igice cye, urugingo rwe, urubavu, ngo Imukoreremo umugeni. Noneho, uwo Murimo uhebuje Yakubitiye i Kaluvari, Yawukuyeho igice. Byonyine ni Isezerano Rishya, nta kindi. Yashohoje Isezerano rya Kera; none ubu ni Isezerano Rishya, ikindi gice kigomba gusohora. Mwaba mubona, Irishya n'Irya Kera ni umugabo n'umugore. Murabona? Kandi byabaye ngombwa ko hababaho Irishya ngo risure… Irya Kera ngo risure Irishya; Kristo yaraje, Umurimo uhebuje, ngo Asohoze ibyo. Noneho Umugeni We agiye gusohoza ibiri mu Isezerano rishya byose. Undi murimo uhebuje uriho urakorwa.

68 Nk'uko byamutwaye imyaka ibihumbi bine ngo Akore uriya Murimo uhebuje, dore ngo, uhereye mu myaka ikabakaba ibihumbi bibiri, Yahugijwe no gukora undi Murimo uhebuje, Umugeni wa Kristo, undi

Murimo uhebuje. Kandi kugira ngo Ibikore, Ibikora yifashishije uburyo Bwayo budateze kuzahinduka, uburyo bumwe Yari yarafashe kugira ngo ikore Umurimo uhebuje: Ijambo Ryayo. Ni ubwo buryo Ifata ngo Ikore Imirimo ihebuje Yayo, kuko Umurimo uhebuje uboneka binyuze mu Ijambo Ryayo ritunganye gusa. Icyondo cyose, imyanda yose, ikintu cyose cyongewemo, kandi kizavunika. "Ahubwo ijuru n'isi bizashiraho, ariko iri Jambo ni iry'iteka ryose." Mwibuke, iyo baconga diyama, hagomba kuboneka igikoresho gitunganye cyo kubikora, nta bwo ari buri gikoresho cyose kizakora uwo murimo. Narabibonye bigenda bituragurika cyane mu byuma bihekenya amatoni menshi, bisunika ubwo buremere bw'amatoni menshi, iyo diyama, inyura muri ibyo byose. Oya, ntibizamena diyama. Igomba gucongwa.

69 Noneho Ikora bimwe, Ikoresheje uburyo Bwayo budateze kuzahinduka. Tubona muri Malaki 3, ko Yavuze iti: "Ndi Imana, Simpinduka." Ntishobora guhindura uburyo.

Rero, Yatngiranye na Aburahamu. Nyuma yo kugwa kw'Umurimo uhebuje wa mbere, Yatangiranye na Aburahamu, Ishyiraho urufatiro, ngo Yubake undi Murimo uhebuje.

Ku munsi wa Pantekote, hari Uwamanutse, Atangira kubaka undi Murimo uhebuje, Ijambo-Mbuto y'ibanze. Yatangiriye mu Itorero rya mbere. Byari ibiki? Ijambo-Mbuto, Ijambo rigaragajwe, isezerano ryari ryaratanzwe. Yoweri yari yaravuze ati: "Mu bihe bya nyuma, ni ko Imana ivuga, Nzasuka Mwuka Wanjye ku bafite umubiri bose; abahungu banyu n'abakobwa banyu bazahanura, abakambwe banyu bazarota, abasore n'inkumi bazerekwa." Ibyo Yajyaga kuzakora mu bihe bya nyuma, imyaka, imyaka ibihumbi bibiri ya nyuma.

70 Mwitegereze, no mu ntangiriro, byari umwimerere. Nk'uko Yesu yabivuze ati: "Ijambo ry'Imana ni Imbuto umubibyi yabibye." Kandi Yo, Yari Umubibyi. Imbuto, yari Ijambo. Kandi, mwitegereze, imbuto yose iguma ukwa yonyine, nta musaruro iteze kuzatanga. Igomba kugwa mu butaka ngo ibone kugira umusaruro wayo. Kandi iyo Mbuto, iryo Torero ritunganye, ryahambwe i Nikeya, i Roma, ubwo ryahindukaga idini.

Noneho, banyamateka, mwibuke. Kandi mugiye kuzumva iyi bande, muzayisuzume maze muzarebe niba ari ukuri. Itorero ryapfiriye i Nikeya, i Roma, ubwo ryayobokaga inyigisho za kimuntu, amahame, mu cyimbo cy'Ijambo ry'ibanze. Byari ibiki? Imana yari yarerekanye, binyuze muri iryo Torero rya mbere, ko Yari Imana. Yari afite Itorero ritunganye; ariko Itorero, kimwe n'izindi mbuto zose, rigomba kugwa mu butaka kandi rigapfa. Rero, ryaguye mu butaka, ryarapfuye, ryatakaje imbaraga zaryo.

71 Murabizi, nasomye igitabo, hariya, vuba aha. Hari uwari yaranditse i-igitabo, yavugaga ku Mana icecetse. Mushobora kuba mwaragisomye. Naribagiwe, nte-ntekereza ko ari Brumback… Oya, si-sinzi neza izina ry'uwacyanditse. Ahubwo, simbasha kwibuka. Narifite mu biro byanjye. Imana icecetse. Yavugaga ati: "Imana, mu myaka igihumbi y'igihe cy'umwijima, yigumiye aho Itananyeganyeza ikiganza, maze Yitegereza abahowe Izina Ryayo b'indahemuka bajya mu rwobo rw'intare, hanyuma bagatwikwa n'Abaroma; ubwicanyi bw'uburyo bwose; bambikaga abagore ubusa neza neza, bagatwika imisatsi yabo miremire, bashyizemo amavuta ya feri, maze bakabatwika." Mwibuke, imisatsi migufi, i Roma ni ho yatangiriye, mu ntangiriro. Abagore b'abakristo babaga bafite imisatsi miremire, rero bi-binikaga iyi misatsi mu mavuta ya feri maze bagatwika, maze bakabatwika, mu gihe babaga bambaye ubusa; babajugunyiraga intare. Hanyuma uwo mwanditsi nakongeraho ati: "Iyo Mana iri he?" Yoo, ubuhumyi bw'umuntu! Ntimwari muzi ko iyo mbuto yagombaga gupfa! Ntiyigeze ashaka kubatanga. Bamanutse mu nsinzi! Bamanutse mu maraso kandi bariho bapfa, batanga ubuzima bwabo. Kuki? Yari imbuto, yagombaga kugwa mu butaka, nk'uko Yohana 12 abivuga: imbuto igomba kugwa mu butaka, igapfa, atari ugupfa gusa, ahubwo kubora. Ariko, ibintu bike byiryo dini, byari bizi ko iyo mbuto ikiri aho.

Nubwo itorero ubwaryo...

72 Mu Nama y'i Nikeya, iriya minsi cumi n'itanu y'impaka za politiki zari zifitiye amaraso inyota, ubwo abami bazaga, bashaka kwinjiza bariya banyacyubahiro bakomeye mu itorero. Kandi haje abahanuzi bavuye mu butayu, hariya; bari batunzwe n'ibyatsi by'ishyamba kandi bambara impu z'inyamaswa, abahanuzi nyakuri, hanyuma barabamenesha. Kubera iki? Imbuto igomba kugwa mu butaka. Igomba gupfa.Yapfuye mu gihe cy'umwijima, ihambwa munsi y'icyondo cy'umukara. Batekerezaga ko byari imperuka. Murabizi, muri Yohana 12:24 Yesu yavuze ati: "Niba impeke y'ishaka itaguye mu butaka, ikomeza kubaho yonyine." Kandi Itorero rya mbere, kwari uko kororoka, uwo Mugeni, iyo Mbuto, iryo Jambo rigaragajwe, ryaguye mu butaka i Nikeya, Roma.

73 Mutege amatwi, Torero, mwebwe muzumva ibi, mu mahanga yose. Ngibi ibyondo byanyu, ni amadini. Ni ho Ijambo ryabambiwe, maze bakakira inyigisho z'abantu. Kandi mu gihe cy'imyaka amagana n'amagana igihe cy'icuraburindi cyamaze, Imbaraga n'ukwigaragaza kw'Ijambo byari byarahishwe isi. Idini gatolika ryaricaga rigakiza ryonyine. Ibyo, tubizi twese ku bwo kuba twarize amateka. Idini gatolika ryaricaga rigakiza ryonyine.

Ariko nta bwo byashoboka ko bahisha Igi ryamaze kwakira Imbuto, Igomba kwinjira, kuko Umuconzi ukomeye ari ku murimo. Agiye kongera kubaka. Rero …

Imbuto yaguye mu butaka, Ijambo.

74 Iyo tureba Pawulo wera, Pertero, Yakobo, Yohana, abanditse Ijambo bose. Banditse, kandi Ijambo banditse ryakiriye ubuzima, ribaho, Ryabayeho. Kandi tubona, ubwo Ryageraga ku bukure, Yohana yahugiye mu kwandika inzandiko, buriya, yaciriwe ku kirwa cya Patimo, nyuma yo gutwikwa mu mavuta mu gihe cy'amasaha makumyabiri n'ane. Ariko Ijambo rigomba gusohoka. Rigomba kwandikwa. Ntibashoboye gukura Mwuka Wera muri Yohana mu kumutekamo ifiriti, hanyuma Yohana avamo. Umurimo we wari utararangira. Yapfuye urupfu rw'ikirago.

Polikarupe, wari umwigishwa wa Yohana, yakomeje kujyana Ijambo. Nyuma ya Policarupe, habayeho Irene. Irene, umuntu w'Imana ukomeye wizeraga neza neza Ubutumwa Bwiza twizera: "Ijambo ni Ukuri." Kandi idini ryakoraga iyo bwabaga ngo riryikize.

75 Ku iherezo tugera i Nikeya, Roma, akaba ari ho ryagwiriye mu butaka, nyuma ya Maritini wera, hanyuma riricwa. Maritini Wera yizeraga ibyo na twe twizera. Yarinze bimwe: umubatizo wa Mwuka Wera, umubatizo wo mu mazi mu Izina rya Yesu. Yarinze neza neza bimwe na twe. Yari umuhanuzi, kandi yizeraga Ijambo ry'Imana mu mwuzuro Waryo. Ku iherezo, barabambwe maze barahambwa mu butaka, hanyuma bagumayo mu gihe cy'imyaka amagana, kugeza aho ibishishwa by'imbuto biboreye. Intumbi zishaje zaraboze. Nageze mu marimbi bita katakombe ya Saint-Ange maze mbona aho bapfiriye, amagufwa yabo mu duce n'ibindi. Baruhiye kubora, ku buryo amagufwa yabo yari yarahindutse ifu, ariko Ubugingo bwari bugihari.

76 Impeke y'ingano yaguye mu butaka… mu nama y'i Nikeya, yongeye kumera muri Maritini Luteri. Ni bimwe kuri buri mpeke imeze, cyangwa ku ngano; nyuma y'aho imbuto ziboreye, ubuzima burashibuka. Kandi yatangiye kwera muri Maritini Luteri. Ni iki uyu yakoze, atangira? Yanze idini rya gatolika, yaryigometseho avuga ko ryari riri mu buyobe. Mu by'ukuri, yavuze ati: "Umukiranutsi azabeshwaho no kwizera." Byari ibiki? Ubuzima buto, bufite intege nke, bwatangagaa imimero mito. Abo bari aba Luteri. Ntibisa by'ukuri n'impeke yagiye mu butaka, ariko buriya, Ubuzima buriho burasohoka.

Hanyuma, byahindutse agati. Rero, ni iki cyabaye? John Wesley, mu gihe cye, we, ni iki yakoze, ubwo yatangizaga ukwezwa? Yikomeje mu Ijambo. None ni iki ibyo byatanze? Abaluteriyani bahindutse idini, bakoze idni, rero igihe cyari kigeze ngo hagire igikorwa. Umurimo uhebuje wariho wubakwa, buriya. Ni iki yakoze? Ni iki yakoze? Yigometse ku idini rya kiyangilikani, yigaragaje, mu bugorozi, nk'ubwoya. Ni ibiki? Imbuto yakira Ubuzima, noneho, ikamera.

77 Nyamara, agati ntigasa n'imbuto, n'umurama na wo ni uko.

Noneho, bene Data b'abapantekote bo mu mahanga yose, ndashaka ko utega amatwi, mwene Data. Niba bwari bugiye kuba Ubutumwa bwa nyuma mbwirije, Ibi ni byo murimo uhebuje wanjye. Mbese mwaba mubona, igihe ingano… impeke y'ingano igwa mu butaka, igihe yongeye gutangira gukora i-ingano bundi bushya?

Mwitegereze ibidukikije. Ibidukikije, ni Imana, neza neza. Imana ikorera mu bidukikije, ni bwo buryo Bwayo bwonyine. Ariko nyuma y'ububyutse bwa gipantekote, kuri bo, bwari Imbuto; ntibwari Yo. Noneho murebe neza. Nyamara, hari icyahingutse, cyendaga gusa n'Imbuto. Murebe neza icyo Yesu yavuze, buriya, muri Matayo 24:24, ko "mu bihe bya nyuma, imyuka yombi yajyaga kuba isa cyane, ku buryo yajyaga kuyobya n'Intore, iyo bijya kuba ibishoboka".

78 Nyamara, agati nta ho gahuriye n'impeke. Kandi n'ubwoya na bwo nta ho buhuriye n'impeke. Ariko noneho, mwitegereze, si mu gihe cya Luteri, ahubwo mu gihe cya nyuma.

Ikintu cya mbere, - hari abahinzi b'ingano bicaye hano, - ikintu cya mbere gisohoka ngo gitange imbuto y'ingano, wagira ngo ni imbuto, ariko (ni iki?) ni umurama. Agafubiko karakoreka, ngo gafubike imbuto. Umurama urakoreka. Ariko umurama si imbuto, nk'uko ubwoya n'agati bitari imbuto. Umurama ni ingobyi y'ubuzima, y'impeke y'ingano gusa muri icyo gihe. Yohana 12, murabona, Yesu uvuga.

79 Ingano, nyuma y'ubwoya (nyuma ya Wesley), hakoreka umurama, igihebuje ibindi gusa n'impeke, kurenza ibisigaye byose. Umurama uhebuje ibindi gusa n'impeke. Birushaho gusa n'impeke, n'icyagiye mu butaka. Kandi iyo agati gasohotse, haba harimo Ubuzima, ariko nta gushidikanya ko hataba habonetse impeke. Ubwoya burasohoka, umwayi, aho kandi na ho biba bitaraba impeke. Hanyuma umurama urasohoka, kandi uyu uba ufite ishusho y'ingano, wagira ngo ubonye impeke y'ingano, nyamara, si ingano. Neza neza bifite ishusho imwe, mu buryo butunganye.

Abapantekote barasohotse, neza neza mu buryo bumwe n'ingano. Buri wese asohoka mu bamubanjirije, asohoka mu bamubanjirije, ariko ni ingobyi gusa. Bahinduka idini. Kandi ni cyo Pantekote yakoze, yahindutse idini. None ni iki Pantekote yakoze, ubwo yasohokaga, byenda gusa n'impeke? Yahise isubira inyuma, nko mu Byahishuwe 17, gukora idini. Ni ibyo neza neza. Ni byo Yesu yavuze.

80 Noneho mwitegereze. Ubutumwa Bwiza bugiye gusohoka, bunyuze muri Luteri, muri Wesley, muri

Pantekote, none, mu bihe bya nyuma, byajyaga kuyobya n'Intore, iyo bijya kuba ibishoboka. Intore! Yoo, bene Data b'abapantekote, ntimubona?

Ingano, ku ntambwe yayo ya mbere, yenda gusa n'imbuto, iyomitangiye gufata ishusho y'imbuto, ariko ni umurama. Yakoze idini, yakoze neza neza bimwe n'ibyo bari barakoze, hano, hamwe na Luteri. Ibyahishuwe 17 herekana bimwe, ku birebana n'amadini.

Nyamara, impeke y'Imbuto, umwimerere, yaguye i Nikeya, kuko ari ho habonetse idini rya mbere.

Mwitegereze, hariya, Ubuzima bwari mu gati, mu bwoya, ibyo byose bisoreza mu Mbuto. Ubuzima bwasohotse mu Mbuto ya mbere bwahererekanijwe binyuze mu ntambwe zintandukanye (intambwe eshatu zitandukanye), ngo busubire hanyuma uko bwahoze mu ntangiriro. Haleluya! Mbega byiza! Ni njye muntu uhebuje abandi mu isi yose umunezero, kuba Imana yarampaye kubona Ibi. Mwitegereze ugutungana Ijambo n'ibidukikije bikoraniramo.

81 Mu buryo bumwe, twerekana izuka: ukurasa kw'izuba, ukurenga kw'izuba, ukurasa gushya. Ikibabi gihanutse kiva ku giti, kimanuka, amakakama amanuka mu muzi, hanyuma akongera kuzamuka, n'ikibabi kigarutse mu gihe kimwe. Kigwa hasi; muri ako kanya ubuzima ubuzima bw'igiti buzakimira, bumire kalisiyumu na potase byacyo, ari na byo bizatuma haboneka ikibabi gishya. Murabona, ibidukikije byose hamwe, byose bikorera mu busabane n-n'Ijambo ry'Imana. None dore bimwe, neza neza, mu buryo butunganye, mu Bihe by'Itorero. Ni yo mpamvu Mwuka Wera yamanutse agashushanya ibi bintu, maze Akabitwereka nk'uko Yabikoze. Ni ibyo rwose.

82 Mwitegereze, hano, Ubuzima bwari mu murama; mu gati, mu bwoya, mu murama, ibyo byose biteranira mu Mbuto. Kandi Ubuzima bwari mu gati bwakoze, kimwe cyafashije mu gukora ikindi. Ugutsindishirizwa kwaciriye ukwezwa inzira. Ukwezwa kwaciriye umubatizo wa Mwuka Wera inzira. Umubatizo wa Mwuka Wera waciriye inzira Mwuka Wera Ubwe, kugira ngo Amanuke mu gutungana Kwe, Agarura Ijambo bundi bushya, ngo Ashobore kwigaragaza.

Ibiri amambu, ibyakoze idini byose byarapfuye. Urugero, Ubuzima bwari muri Luteri bwafashije mu gukora Wesley. Kandi, Bwavuye muri Wesley, Bujya muri pantekote, Bwafashije mu gukora Imbuto y'intangiriro. Busohoka mu itsinda rya Wesley, Rirahaguma kugeza ubwo ryinjiye muri pantekote. Impamvu pantekote yasohotse muri Wesley, ni uko itari idini, pantekote ntiyari idini. Hanyuma pantekote ikora idini, none (ni iki yakoze?) yahindutse umurama. Wakabaye waravuze, uyirebye, ko yari Ikintu nyakuri.

83 Uwo ari we wese...

Ni bangahe bamaze kuboni-imbuto y'ingano itangiye kumera? Ikintu cya mbere, ni iki? Byenda gusa n'imbuto, ariko ni umurama. Murareba za ntambwe eshatu? Agati, ubwoya cyangwa umwayi, hanyuma umurama. Hanyuma, mu murama hava Imbuto y'intangiriro. Murabona? Ntiyari Imbuto; bwari Ubuzima bw'Imbuto bwakuriraga muri izo ntambwe, kugira ngo bugere ubwo bukora Imbuto. Amina, amina! Mwaba mubibona? Ni ibiki? Izuka, kugira hongere gukorwa Umurimo uhebuje, uhwanye Uwahambwe mu butaka.

Pantekote yasohotse muri Wesley, kuko Wesley yari yamaze kuba idini. Pantekote, itari idini, yarasohotse, hanyuma, na yo ihinduka idini. Nta kundi byagombaga kugenda, kugira ngo ihinduke umurama. Ijambo nyakuri ry'Ubugingo ryari kuri yo, noneho Ryari rigiye gukora Impeke y'intangiriro, binyuze muri izo ntambwe. Ryavuye mu gati, Rijya mu mwayi; Riva mu mwayi, Rijya mu murama; hanyuma Riva mu murama ngo Ritange Imbuto.

84 Ashwi, agati, ubwoya, umurama!

Igihe byari bikiriho, byabyaye ingobyi y'igice runaka cy'Ubuzima bw'Imbuto, ariko, ubwo bakoraga idini, Ubuzima bwababavuyemo. Tubifitiye gihamya mu mateka yose. Nta dini na rimwe ryigeze rigira icyo ribyara rimaze gushyiraho inzego. Ryarapfuye. Ni ukuri.

Murebe neza, Ubuzima bwikomereza urugendo rwabwo, buriya. Bwikomereza kujya mbere.

Mwitegereze, icyo bakoze, icyo biriya byakoze, byose, amateka arabiduhamiriza neza neza ko ari ko ari ko byagendekeye amadini, ntiyari ateze kuzayigirira umumaro. Idini ryaratawe. Uku ibihe byagiye biha ibindi, nta torero na rimwe ritapfuye nyuma yo gushyiraho inzego. Idini ryarapfuye ryishwe n'inzego, kandi ntiryigeze rizuka. Nta byo mubona? Bantu b'impumyi, nimurambure amaso! Ibidukikije n'Ijambo biri hano bihuje kandi biduhamiriza, hano nyine, ko Ibi, ari Ukuri, ko ari Ukuri. Ubuzima busohoka mu gati ngo bukore ubwoya; uhereye ku bwoya, Bukora umurama; hanyuma Busohoka mu murama ngo Bwongere gufata ishusho mu Mpeke y'intangiriro.

Mwitegereze, ntiyari ateze kuzamugirira umumaro.

85 Ni ikintu by'ukuri kitihishira, ubwo buzima, urugendo rwabwo mu mpeke y'ingano, rutandukanye cyane n'urwo mu giti. Imana yavuze ko ubwoko Bwayo bwasaga n'igiti; murabona, ubuzima bumanuka mu giti, maze bukongera kuzamuka; murabona, buramanuka maze bukongera kuzamuka. Ariko, mu mpeke

y'ingano, burazamuka, buhereye ku gati k'intangiriro… bujya mu gati, mu bwoya, mu murama; kandi icyo bwambukiranije kirapfa, bukaba butagishobora gusubirayo. Ni ibiki bihari? Nta cyo biba bikimaze. Bwikurikirira inzira yabwo kugira ngo bugere ku gutungana kwabwo.

Amina! Ntimubona impamvu Itigeze ikoresha idini? Ntigisubiyeyo. Burazamuka. Ariko Ubuzima bukomeza kwihererekanya, buva muri kimwe bujya mu kindi. Murabona, bazana amahame, maze bayarundamo. "Uzongeraho ijambo na rimwe, cyangwa akagabanyaho Ijambo na rimwe", murabona, nta mwanya ahafite. Ni Imbuto y'Ubuzima igomba gukomeza urugendo rwayo.

86 Nkoresheje ibi kugira ngo mbereke mu migani, buriya, Umugeni, Umurimo uhebuje uriho upfumura. Kimwe n'Umurimo uhebuje waguye, hari Umurimo uhebuje uriho ubyuka. Umurimo uhebuje waguye kuri Pante-… i Nikeya, Roma, i Nikeya. Nyuma ya Nikeya, Roma, Umugeni yakomeje urugendo nk'unyuzwa mu ruganda, none dore Ariho arongera kuba wa Murimo uhebuje, agezwa ku gutungana, kuko Ari urugingo rw'iryo Jambo ryavuzwe na We. Azagira "Itorero ritagira ikizinga habe n'umunkanyari". Ntazifatanya n'idini na rimwe, icyo kintu cyavumwe. Ryanyuze muri ibyo bintu, ariko ntibiteze kuzagerayo.

87 Mwitegereze, Imbuto irazamuka, ubu Buzima burazamuka, ntibusubira inyuma. Nta zuka rizaba rikiriho nyuma y'ibi. Ubuzima burazamuka, ngo bugere ku gutungana kwabwo, izuka.

Mwitegereze, umurama watanze… Mwitegereze, umurama ujugunya hanze Imbuto y'intangiriro. Ni byo tubona mu Byahishuwe, igice cya 3.

Noneho, mwibuke, nta rindi torero na rimwe yirukanywemo, muri Bibiliya, uko Ibihe Birindwi by'Itorero byagiye biha ibindi. Ni bangahe babyibuka? Yambukiranije buri Gihe cy'Itorero, kugira ngo Akomeze, gukora n'ibindi. Ariko, Umuconzi yongeye kugera ku gutungana, Ijambo. Murabona? Ntimugasubire inyuma. Ni Ikintu gitandukanye cyane. Yego. Yoo!

88 Kandi mwitegereze, rero, umurama, iyo uhingutse, ishusho yawo wayitiranya n'iy'Impeke. Ariko iyo Ubuzima bw'Impeke butangiye kuva mu murama, ngo bujye gukora Impeke (Umugeni), umurama uribumbura maze ukirukana Impeke. Si byo? Ibidukikije, kandi ni cyo byakoze neza neza.

Mu - mu Byahishuwe 3, tubona ko Igihe cy'Itorero cya Lawodikiya cyamujugunye hanze. Nyamara, murabona, nta bwo byari byageze mu bindi bihe, kuko hari ikindi kintu cyagombaga kubanza kubaho. Cyavuye muri kimwe kijya mu kindi gusa, gukomeza urugendo rwacyo. Ndabibabwira, mpereye mu ntangiriro, nta rindi dini rikibayeho. Turi ku iherezo. Hanyuma bamujugunya hanze (kubera iki?), kuko Ari Ijambo, bundi bushya. Ni nk'Uwaguye, buriya. Ni We ya Myigishirize yari yarahingutse mu ntangiriro.

Kandi iyo Ijambo-Mbuto ritangiye gukura, umurama uryigizayo. Ubuzima busohoka muri bindi byose, kugira ngo bibukurikire. Ngabo abizera nyakuri, bakurikira Ubuzima, aho Ubuzima bujya hose.

89 Ni nka Isirayeli, urugero rutunganye, iyo tujya kugira igihe; nshigaje iminota mike gusa. Ahubwo urugero rutunganye, mu ntangiriro, aho iyi Nkingi y'Umuriro yajyaga hose, habaga hari Ubuzima. Imana yari uwo Mucyo. N'ubwo haba saa sita z'ijoro, cyangwa bakaba ahantu heza h'amahitamo, uko byamera kose, iyo Inkingi y'Umuriro yagendaga, impanda yaravugaga maze Isirayeli ikajyana na Yo.

Haleluya! Kandi ubwo impanda yavugaga, Maritini Luteri yahise ajyana na Yo. Maze ahinduka idini, kikaba ari cyo cyishe… si we igiti byababayeho; uwamukurikiye. Rero, Imana yakuye Ubuzima hariya, Ibutera gukomeza urugendo rwabwo, Ibimanurira mu mva.

Ni bwo Wesley yasohokaga. Yabonye iryo dini rikomeye, maze avuza impanda yo kwezwa: igice cyisumbuye cy'Ijambo. Murabona? Icyo gihe, bahise bagenda, bahise - bahise basohoka muri Luteri kugira ngo binjire mu bumetodisite.

Kandi ubwo pantekote yabubonaga, bavugije i-impanda, cyari cyo gihe cy'igaruka ry'impano. Mwaba mubona icyo bakoze? Bavugije impanda, maze, barasohoka. Hanyuma bahinduka idini.

Ariko, mwibuke, nyuma y'umurama, - ni zo ntambwe eshatu tuzi, - hasigaye Impeke yonyine. Yoo Mana! Hanyuma, Impeke yajugunywe hanze y'ibisigaye byose. Amina kandi amina! Amagambo y'Imbuto atangiye, gufata ishusho, Ubuzima busohotse mu… Noneho mwitegereze, niba Umukwe, intangiriro, uwa mbere, Umukwe… Hano, ni Umugeni uriho yigaragaza.

90 Mwibuke, Itorero ryatangiriye kuri Pantekote, maze Rigwa i Nikeya. Ryarameze, atari mu ishusho nyakuri y'Impeke, oya; hariya hari igice cy'Ubuzima, ahubwo Ryameze kugira ngo ribyare idini. Hanyuma Akura akarenge Ke muri iryo dini, Ajya mu rindi dini, Yagiye ku yindi ntambwe y'Ijambo: ugutsindishirizwa, ukwezwa, umubatizo wa Mwuka Wera. Murabona? Kandi, nk'uko Bwagiye mu gati kandi Bugakurikira ya nzira imeze nk'uruganda, Bwagendaga burushaho gukura.

Mwibuke, umwayi urusha, ubwoya burusha agati gusa n'Imbuto. Kandi umurama urusha ubwoya gusa n'Imbuto. Ariko Imbuto Ubwayo, irenze ibyo byose. Murabona? Yabyifashishije gusa nk'ingobyi, kugira ngo Igere ku iherezo

91 Mwitegereze, Umugeni... Niba Umugeni, mu ntangiriro, yari Ijambo, cyangwa, Umukwe, rero, niba Umugeni yarakuwe mu Mukwe, Agomba na We, kuba ari Ijambo. Mwitegereze, ni cyo Umugeni agomba kuba.

Kubera iki, kubera iki Umukwe agomba kuba ari Ijambo rigaragajwe, Rimuritswe mu Mucyo? Ni uko Umugeni n'Umukwe ari Umwe. Ni Urugingo rwamanyuwe kuri We gusa ubwo Yakubitwaga. Nguwo Umurimo uhebuje. Yarakubiswe. Kuvuga…

Michel-Ange ntiyashoboraga kuyisubiramo. Ntiyashoboraga kuyisubiranya.

Ariko Imana, Yo, Igiye kubikora. Izagarura wa Mugeni muto, wakubiswe, neza neza iruhande rw'Ijambo ry'intangiriro. Kandi nguwo, nguwo Umurimo uhebuje, umuryango ugarutse mu ngobyi ya Edeni.

92 Ni gute uwo Mugeni azabigeraho? Ni gute iyo Ngano izabigeraho? Malaki 3:23-24 handitswe ngo, mu minsi ya nyuma, ibyo bintu byajyaga kugarurwa (ibiki?), kugarurwa, nk'uko byahoze mu ntangiriro; ko Yajyaga kubigarura! "Nzabashumbusha", ni ko Uwiteka avuze, "imyaka yose yonwe na za kagungu, n'uburima, n'ibyo bintu n'ibindi byose. Nzabibashumbusha." Malaki 3: 23-24 handitswe ngo: "Azasanganya imitima y'abantu, n'Ukwizera kw'abantu, n'Ukwa ba data ba mbere ari bo ntumwa bundi bushya." Murabona? Ni byo tubona bigwiriye imbere yacu, Torero. Duhagaze dute?

93 Noneho, ngiye gusoza mu kanya gato. Nashakaga ko mutuza cyane, ikintu kimwe cyasohoye vuba aha. Malaki 3:23-24 hagomba kudusubiza, kudusubiza ku by'intangiriro.

Acibwa mu idini, mu bagize idini; acanwa n'Umutware We, ku mpamvu imwe. Na We ni Ijambo. Nk'uko Yozefu yaciwe na bene se kuko yari Ijambo. Na Yesu yaciwe n'abavandimwe Be kuko yari Ijambo. Itorero ryaciwe… Umugeni yaciwe n'idini kuko Ari Ijambo. Ngizo kandi intambwe zanyu: imwe, ebyiri, eshatu, murabona, neza neza.

94 Ijambo, rizima kandi Riri mu murimo, Umugeni wa Bibiliya, atari umugeni wakozwe n'abana b'abantu; Umugeni wa Bibiliya, wakubiswe kandi wababajwe n'Imana. "Ishusho Ye nta wayifuzaga; ahubwo twamutekereje nk'Uwakubiswe n'Imana akababazwa na Yo." Ni ukuri. Abaho wenyine yigunze. Yaciwe n'amadini yose, nk'uko byanditse mu Byahishuwe 3. Yaciwe n'Igihe cy'Itorero cya Lawodikiya, aho Yari yaravukiye. Murabona? Iri Torero ryavukiye mu Gihe cy'Itorero cya Lawodikiya, kikaba kiribereye umurama. Ariko niba abandi bara-…

Nta byo mubona, mwebwe bantu, abapantekote? Niba ikindi, cyari umurama, kikaba cyarapfuye; niba ikindi (agati) byarabaye ngombwa ko gapfa, niba ubwoya byarabaye ngombwa ko bupfa, umurama na wo, ugomba gupfa; intambwe eshatu z'inzego.

Kandi, mwibuke, muvuge muti: "Sawa, mu by'ukuri, habayeho ubwoya bwinshi bwasigaye hariya. Hari byinshi by'ibi." Yego. Habayeho abametodisite, abaperesibiteriyani, abaluteriyani, itorero rya Kristo, utwo tuntu tundi twiyongereyemo, ibibabi n'ibindi byose, byasigaye hariya, ariko icy'umwimerere, cyari ubugorozi, buriya, murabona.

95 Asigaye wenyine, nk'Umukwe, "yanzwe n'abantu, asuzuguwe kandi yanzwe n'amadini". Umugeni ni uko ahagaze. Ni ibiki? Ni Umurimo uhebuje We, murabona, ni Ijambo, Ashobora gukoreramo, ni Ryo Ashobora kugaragaza. Ukwangwa!

Rero, agati, ubwoya n'umurama ntibyigeze bihinduka Imbuto, habe na busa, ahubwo birushaho n'Imbuto.

Noneho, igihe cy'isarura, Imbuto isubirana Ubuzima Bwayo bw'intangiriro, ni ugusubira muri Bibiliya. Malaki 3:23-24 hatubwiye ko ari uko byajyaga kuba bimeze. Yoo, yoo, la la! Agomba kuba afite byose! Kugira ngo Abe icyo, Agomba kuba afite Ijambo mu mwuzuro Waryo. Si byo? [Iteraniro riti: "Amina." - U.I.]

96 Noneho ni iki Yatangaje, mu Byahishuwe 10? Intego ya ruriya ruzinduko rw'i Tucson yari iyihe? Kubumburira Itorero: "Mu minsi y'intumwa, ya marayika wa karindwi, y'Ubutumwa bwa marayika wa karindwi, Ijambo ry'Imana ryose ryajyaga kugaragazwa. Ikimenyetso, icyo agati kari karashigaje kidahishutse, impamvu n'Icyo byari cyo cyose, byajyaga kugaragazwa muri iki gihe."

Byaba ari cyo Ijambo rivuga? [Iteraniro riti: "Amina." - U.I.] Rero, turabibona. Muri icyo gihe, ni he duhagaze, murabona, ni he duhagaze? Hari ikintu kimwe gusa: ni igihe cy'isarura. Ibisarurwa byeze neza. Noneho Yiteguriye Ukuza Kwe. Mwitegereze.

97 Oya, nti ateze kuzaba Icyo. Igihe cy'isarura, Imbuto iba yamaze gusubira uko yahoze mu ntangiriro, kandi Agomba kuba afite Ijambo mu mwuzuro Waryo, kugira ngo Abe Imbuto. Nyamara, ntushobora kugira igice cy'Imbuto; nta bwo cyamera. Murabona? Kigomba kuba Imbuto yose. Igomba kugaragaza, atari… Muvuga muti: "Nizera umubatizo wa Mwuka Wera. Haleluya! Nizerera mu kuvuga mu ndimi." Ibyo, ni agace k'Imbuto, yego, none ubu hari ibirenze ibyo. Haleluya! Murabona? Si impano; murabona? Murabona

icyo nshaka kuvuga? Turi mu bihe bya nyuma, bene Data.

Agati, ubwoya, umurama, byarapfuye none ubu birumye. Hari ikintu kimwe gusa kigomba kubabaho, ni uko agomba kwibumbira hamwe mu Nama Mpuzamadini y'isi yose kugira ngo atwikwe.

98 Ijambo ryiyambitse umubiri wa kimuntu, nk'uko Yari yarabisezeranye muri Luka 17, Malaki 3:23-24, n'ibindi, murabona, Ibyahishuwe.

Ubuzima nyakuri bwose, bwari mu gati, ubwoya n'umurama, buriho burihuriza mu Mbuto, yiteguriye izuka, yiteguriye isarurwa. Alufa yahindutse Omega. Amina. Uwa mbere yahindutse uwa nyuma, kandi uwa nyuma ni we wa mbere. Imbuto, yari yaragiye mu butaka, yakurikiye inzira imeze nk'uruganda maze yongera kuba Imbuto.

Imbuto yaguye mu murima wa Edeni, kandi yahapfiriye hariya, twagarutse ku Mbuto itunganye, Adamu wa Kabiri.

99 Eva wa mbere, waguye, yarakoreshejwe mu bugorozi bwa kabiri… ukuza kwa kabiri, nk'igihe cyo kubyara umwana, ubu yahindutse Umugeni nyakuri, Imbuto, agaruka ku Ijambo ry'intangiriro mu buryo butaziguye.

Alufa na Omega, ni umwe. Avuga ati: "Ndi Alufa na Omega", nta bwo Yigeze avuga ko hari ikindi yaba cyo hagati ya byombi. Yego. "Ndi Alufa na Omega, Uwa mbere n'Uwa nyuma." Yego mugabo.

Umurimo wa mbere n'umurimo wa nyuma, ni umwe. Ubutumwa bwa mbere na (ubwa kabiri) Ubutumwa bwa nyuma, ni ikintu kimwe. "Ndi, nahoze muri Alufa; ndi muri Omega." "Hazabaho umunsi uzabura ubwo waba amanywa habe no kuba ijoro, ahubwo igihe cya nimugoroba, hazabaho Umucyo." Murabona, Alufa na Omega, ni ho turi ubu, uwa mbere n'uwa nyuma. Mbega ngo ibintu biraba byiza, bene Data! Twagashoboye kubimaraho amasaha n'amasaha.

100 Umurimo uhebuje, uyu muryango, Adamu wa Kabiri na Eva wa Kabiri, ubu biteguriye kujya mu ngobyi, Ingoma y'imyaka igihumbi, amina, ngo bagaruke ku isi. Haleluya! Umuconzi ukomeye nta bwo Yabatereraniye hariya. Byamutwaye igihe, nk'uko byari byaramutwaye za miliyoni z'imyaka mu kurema umuryango wa mbere utunganye; maze baragwa. Noneho byongeye kumutwara imyaka ibihumbi mu kongera kubumba, none ngaba biteguye.

Umurimo uhebuje waraje maze Uricwa; mu rubavu Rwe ni ho havuye Umugeni We.

Kandi Yarabumbwe, binyuze muri ya nzira imeze nk'uruganda imwe. None ubu Nguyu ugarutse. Mu gihe ibidukikije byose, Bibiliya, n'ibindi, byerekana ko ari ho duhagaze.

Amahanga arasenyutse, Isirayeli irakangutse,

Ibimenyetso byahanuwe;

Iminsi y'amahanga irabaze

(Murebe uyu mwanda wose dufite), bahiye ubwoba,

Nimusubire iwanyu, yamwe batatanye mwe.

Ni ukuri. Murushijeho kugira neza mwihutira kwinjira, niba mugamije guhaguruka.

Ndagana ku musozo, wenda mu minota itanu cyangwa icumi iri imbere.

101 Mwitegereze umurimo uhebuje ukomeye, umuryango. Umugabo n'umugore ntibashobora by'ukuri kugira umuryango umwe iyo batari umwe. Bagomba kuba umwe. Bitaba ibyo, ntibabe umuryango mwiza; umugore akurura yishyira, umugabo na we agakurura yishyira. Waba ari umuryango uteye ubwoba, uwo. Ariko iyo hari ubwumvikane, hamwe n'urukundo umwe akunda undi, uwo, ni umuryango. None ubu, - umurimo uhebuje w'Imana, wari uwo, - kandi noneho, umuryango nyakuri wose, hano, uhagarariye uriya. Murabona?

Noneho umuryango, ari wo Murimo uhebuje, wagarutse, Kristo n'Umugeni We biteguriye kuza. Adamu wa Kabiri, Eva wa kabiri, noneho biteguriye kugaruka mu Buturo bwabo. Kandi ishusho mu mwuzuro wayo, yari ugucungurwa. Kumugarura umuvanye aho yari ari, murabona, neza neza, kumugarura. Nyuma…

102 Kiriya gihe, ubwo nari mpagaze imbere y'Abakozi b'Abakristo. Abenshi muri mwe, ni ko ntekereza, bari bahari. Ubwo numvaga uriya mupadiri w'umuluteriyani, cyangwa umubwirizabutumwa, ku iherezo ni cyo yavugaga ko ari cyo, guhagarara hariya maze akavuga ijambo rikwiye gusekwa, hanyuma agaseka ibyo twizera. Kubona Abakozi b'Abakristo batumira umuntu nk'uwo, hanyuma akavuga ibyo. Yari afite ikora rireba inyuma. Abenshi muri bo barabikora none. Maze avuga ati: "Sawa, abantu bambaza impamvu

nambara ikora rireba inyuma, bambaza bati: 'Tuzagutandukanya dute n'umupadiri wa gatolika?'" Asubiza ati: "Nta tandukaniro na rito dufite, kandi nta ryakagombye kuhaba." Avuga ati: "Twese turi abana b'Imana." Avuga ati: "Nzi umupadiri ubera hose icyarimwe, murabona, ushobora kubera hose icyarimwe."

103 Nyamara, ntushobora kubera hose icyarimwe utazi byose. Imana Ubwayo nta n'ubwo ibera hose icyarimwe; Imana izi byose. Mu kumenya byose Kwayo, Ibera hose icyarimwe, ku bwo kumenya byose Kwayo. Ariko kugira ngo Ibe Ikinyabuzima, Igomba kuba mu Kinyabuzima kimwe. Kuko kubera ko Izi byose, Ishobora kubera hose icyarimwe. Mu by'ukuri, Izi byose, Yari ibizi mbere… Yari ibizi, isi itarashyirirwaho urufatiro, umubare w'imbaragasa, inda, umubare w'udusimba, n'incuro twajyaga guhumbaguza amaso, n'ibindi kuri bo, murabona, kubera ko Ibera hose icyarimwe. Ntiwashobora kumenya byose-kumenya byose ngo ugire aho ugarukira. Kandi hari ikintu kimwe gusa kitagira aho kigarukira: Imana. Amina! Rero, tu-…

104 Ni ibiki? Ni Satani, ubajyana aromboreje muri ubwo bwicanyi. Bahinjira bose, neza neza icyo Bibiliya yavuze. None ni ho turi, murabona, yiyinjiza wese mu bapantekote, kandi abakurura aromboreje, neza neza nka… Mbega igihe!

Yoo, nyuma y'ubu buhamya, hari uwavuze… Nda-nda… Ni amahirwe ko ari nta byinshi navuze, kuko bakabaye baranshyize muri gereza, hariya. Ahubwo natekereje gusa nti: "Ni ho turi."

Aba-ababuriwe, barabizi. Muri Daniyeli handitswe ngo: "Abanyabwenge bazamenya Imana yabo." Yego mugabo. Murabona: "Abanyabwenge bazamenya Imana yabo." Barunguruka ibyo bintu.

Ariko, ubwo nabonaga icyo kintu gisohora, n'abapantekote bari bahagaze aho, babishyigikiye! Ndetse na Oral Roberts yandebye atyo. Mvuga nti: "Yoo, mbega!"

Ariko yari aho, n'amashuri ye, n'imigirire ye isobanutse, murabizi, n'ibindi. Si uko Imana iboneza Abayo. Nta bwo Ibaboneresha amashuri. Ibaboneresha kwiyoroshya, binyuze -binyuze mu mbaraga z'Ijambo rigaragajwe, kugira ngo byerekane ishusho y'Impeke, aho Yakuwe.

105 Rero, hari uwambwiye ati: "Mwene Data Branham," avuga ati: "hari ikinti kimwe ntabasha kugusobanukirwaho."

Mvuga nti: "Ni iki rero?"

Haguruka, hariya, mu nzira… Ntekereza, Mushiki wanjye Dauch n'abandi, nyuma y'aho nkoreye mu kiganza cya Bill, nari ndi hariya; kandi bose bazengurutse aho hantu, hari abo bantu bose. Umugaragu w'Imana umwe yiciriye inzira angeraho, n'ikora rye rireba inyuma, ambwira ati: "Kuki uhora ucyaha abantu?" Avuga ati: "Bariya bantu bemera ko uri umugaragu w'Imana, kandi ko wakagombye kuba ugwira abantu neza, n'ibindi." Avuga ati: "Buri gihe uko nkumvise, iyo uhagurutse, ucyaha abagore, ku birebana n'imisatsi migufi, no kwambara amabutura, no kwisiga amarange, n'ibyo bindi byose; kandi ucyaha abantu, ubabwira ko ari imikonjera na ba mihango y'idini n'abatagira icyo bitaho." Avuga ati: "Ibyo ubiterwa n'iki?" Avuga ati: "Bariya bantu baragukunda. Bishoboka bite ko uba umwana w'Imana wuje urukundo, warangiza gakora ikintu nk'icyo?"

Ntekereza nti: "Mwami, nyemerera nsubize uyu munyabwenge. Urabona? Nyemerera rero musubize, ahantu hamwe, kugira ngo afatwe n'umutego we bwite." Yego.

Mvuga nti: "Mu by'ukuri, mugabo, waba warasomye inkuru y'umuhanzi ukomeye w'umuziki witwaga… umuhanzi ukomeye witwaga Beethoven?"

Avuga ati: "Yoo, cyane, nasomye inkuru ya Beethoven."

Mvuga nti: "Ashobora kuba yaraciye impapuro yitorezagaho nyinshi, udutebo twuzuye, ariko yahaye isi imirimo ihebuje." Ntiyabumbuye akanwa, nta kajambo na gato yongeyeho. Mvuga nti: "Ubwo yari yicaye mu biro bye ahumekerwa, hari icyo yandikaga. Yajyaga mu biro bye gusenga. Ntibyahuraga, akabijugunya mu gatebo, yabijugunyaga mu gatebo k'impapuro. Ariko ubwo yarangizaga, byose amaze kubihabwa mu guhumekerwa, isi yari ifite umurimo uhebuje."

Yoo, mbega ukuntu Ijambo riconga, ariko ritanga imirimo ihebuje; yego, Rikuraho umurama wose n'ubwoya bwose. Ritanga Umurimo uhebuje.

106 Mfite iminota irindwi yo kubabarira inkuru y'ibyabaye ejobundi; niba dushaka gusohokera igihe. Tariki 3 nyakanga, nari ndi hano, muri… ku ihuriro hano, ku ihuriro ry'ubucuruzi, hafi aha. Nageze i Pigalle, i Roma… mu Bufaransa, nageze i New York, i Los Angeles. Ariko itsinda ry'abagore baheguje abandi gutera ishozi nigeze kubona mu buzima bwanjye, ni ab'i Jeffersonville, muri Indiana. Sinigeze kubona agahebuzo k'umwanda nk'ako mbonana bariya bantu. Nari hariya, byampinguranyaga umutima, ako kageni, maze Uwiteka ampa iyerekwa.

Noneho ngiye kubabwira iryo yerekwa. Sinzi niba nshobora kurisobanura, ariko n-ngiye kubara iryo

yerekwa ku ncuro ya mbere.

107 Nagiye mu kindi kirere. Kandi, icyo gihe, hari uwo twari kumwe. Sinabonye uwo muntu. Ryari Ijwi gusa. Hanyuma nda-ndareba. Kandi, nk'uko na-narebaga muri iki cyerekezo, Yavuze ati: "Umugeni agiye guhinguka ku bw'iyerekwa ribanziriza ibindi byose." Ndareba, maze mbona, ni nde wazaga aho nari ndi, itsinda ry'abagore ri-rihebuje andi ubwiza, bambaye neza kandi bahebuje abandi ubwiza nigeze kubona mu buzima bwanjye. Ariko buri wese muri bo yari afite umwambaro wihariye, ni ko nabibonye. Bose bari bafite imisatsi miremire. Kandi bari bafite imyenda y'amaboko maremare n'amajipo maremare, n'ibindi. Abagore bakiri bato, basaga n'abafite imyaka iterenze makumyabiri.

Noneho, Bibiliya yanjye irabumbuye hano imbere yanjye. Murabona? Nshobora kuvuga gusa icyo nabonye. Uramutse uvuze uti: "Ni iki ureba?" ndareba isaha. "Ni iki ushaka?" Ndashaka abantu, ndareba abantu. "Ni iki ureba?" Ndareba Bibiliya. Ni ibyo. Ndavuga Ukuri. Ni cyo mbona. Kandi nshobora kuvuga gusa icyo nabonye. Si-sinzi icyo… ibyo ari byo byose. Birakwiye ko mbibabwira, nta kindi.

108 Ariko, ubwo, uwo Mugeni, Yari atumbiriye… Uwo twavuganaga, na ho njye, twari kumwe. Yari afite amaso, Bari abantu bahebuje abo nigeze kubona mu buzima bwanjye kugira isuku no kuba beza. Bari nka cumi na babiri cyangwa barenga, wenda… sinzi umubare w'abari imbere, ariko bari mu itsinda, gusa. Maze Akora akarasisi, akimbagira, ari mu njyana. Hanyuma Yubura amaso, Areba, ari mu karasisi. Yoo, Yari ihoho! Naramurebye, ubwo Yari ari mu karasisi. Avuga ati: "Noneho tugiye kugenzura… Uyu, ni We Mugeni."

"Noneho tugiye kugenzura amadini." Kandi yahageze. Nabonye begera. Kandi ubwo bahageraga, buri ryose, ryari hanyuma y'iryaribanjirije. Nari ntarabona itsinda ry'abagore bateye ishozi nk'abongabo mu buzima bwanjye.

Kandi ubwo Yavugaga ati: "Hanyuma," numvise urusaku. Maze Avuga ati: "Hanyuma, Avuga ati: "dore itsinda nyamerika."

109 Noneho, ubwanjye ndi Umunyamerika, ariko bya-byandwaje umutima. Sinashobora kubivuga mu magambo ahagije yo, mu iteraniro rivanze, ngo mbe navuga ibyo ari byo. Mugomba gusoma hagati mu mirongo. Ariko, ubwo abo bagore bazaga begera, uwari ubarangaje imbere, yari umupfumukazi. Yari afite izuru rirerire cyane n'umunwa munini cyane. Kandi bari bambaye uburyo bw'imyenda ikingiriza isoni z'ubwambure gusa, hano; ariko hejuru, ryari itsinda gusa, ryazamukaga kandi rikazenguruka ritya. Kandi buri mugore yari afite uburyo…

Abenshi muri mwe, hashize imyaka, kera, muribuka, ubwo bakatagaga impapuro, hariya, murabizi, impapuro z'ibinyamakuru, kugira ngo babikuremo agakoresho bakubitisha isazi? Ni bangahe babyibuka? Murabizi. Umva, ntekereza ko babikoresha mu birori bya karinavari (carnavals), murabizi. Rumanitse, gutya, urupapuro bakase impande, z'imisozo y'urupapuro.

Bari bafite akantu k'akazibaho, kameze gatya, ko gukingiriza isoni z'ubwambure ngo zitagaragara. Iki gice cyo hejuru cyose cyari cyambaye ubusa.

Kandi buri wese yari yogoshe umusatsi, asigaranye akamegemege k'agasatsi; yisize amarange wese. Nta kindi basaga na cyo usibye indaya.

Kandi bagendanaga ako gace k'urupapuro, mbega umwanda! Sawa, icyo bari bafite imbere yabo, cyari ako gace k'urupapuro. Ariko aho bamariye gukora akarasisi imbere y'abanyacyubahiro, imigongo yabo… No kubona uburyo bitwaraga, imbere n'inyuma habo, ubwo buryo bwo kwitwara!

Mvuga nti: "Mbese iri ni ryo, Torero?"

110 Maze yikomereza inzira ye. Kandi baririmbaga izo ndirimbo za twist-and-roll, hariya, murabizi, cyangwa izina mubiha, bajyaga, baririmbaga ibyo kandi bagahita.

Mvuga nti: "Mbese iri ni ryo, Torero?" Nari aho, ariko mu mutima, ndira.

Na ho wa mupfumukazi, buriya, ku bwanjye, nta kindi yari cyo uretse… Ni ya Mpuzamadini y'isi yose, yabayoboraga iromboreje mu nzira yajyagamo. Bakatiye ibumoso maze baburira mu gihirahiro; bakomezaga uwo muzikino gukora urusaku ruteye iseseme, no kuzunguza imibiri yabo, uruhande rumwe, hanyuma urundi, hanyuma, gutya, bitwaraga nabi batya, bagenda.

111 Kandi, nk'uko nari ngiye kubika umutwe, Yavuze ati: "Tegereza, Umugeni agomba kugaruka." Nararebye, none ngaba baragarutse. Maze bakora akarasisi, abagore bakiri bato beza babereye ijisho. Bose barandebaga, ubwo bagendaga ku karasisi. Umwe muri bo, wari inyuma, yari afite imisatsi miremire yamutembaga mu mugongo, kandi yari yayizingazinze atya; ashobora kuba yari Umudagekazi, cyangwa undi nka we. Kandi narabitegerezaga. Nk'uko bongeraga guhaguruka, babiri cyangwa batatu muri bo, bari inyuma, batangiye gusobanya ingendo, maze nshaka kubacyaha. Bagerageza kongera kuboneza ingendo. Kandi narababonaga, iyerekwa rigenda ribura buhorobuhoro, maze bihindukira imbere yanjye.

112 Noneho, dore igisobanuro cyabyo. Impamvu… Sawa, mwibuke, ni bwo nari nkimara kwandika… nari ntararangiza, nari ntarandika izo nyandiko. Ariko mu kubwiriza, muri iki gitondo, nasobanukiwe icyo byari cyo, mu kibwiriza rwagati. Mwaba mwabibonye, itorero ryahingutse gusa… Nyamara, ni Ukuri, ncuti zanjye. Data wo mu Ijuru, wandika Ijambo, azi ko mvuga Ukuri. Murabona? Nzi ko mvuga gusa Ukuri. Kandi nabimenye gusa mu minota mike, cyangwa vuba aha, murabona. Mwaba mwabibonye? Umugeni yahingutse incuro ebyiri: Imbuto ya mbere n'Imbuto ya kabiri, ndetse zombi, neza neza yari Imbuto imwe. None impamvu bari…?… bambaye imyenda itandukanye: Azaturuka mu mahanga yose, kugira ngo Agire Umugeni. Bose bari bafite imisatsi miremire, ari nta marange bisize, n'abakobwa beza cyane. Kandi barandebaga. Ibyo byashushanyaga Umugeni uzaturuka mu mahanga yose. Murabona? We, buri wese yari ahagarariye igihugu, mu gihe bagendaga, bagendera mu Ijambo neza. Murabona?

113 Kandi, rero, ngomba kumugira mu jisho. Azasohoka mu ntambwe y'Ijambo, mbaye ntarikanuye, mu gihe Ari mu karasisi, Abaye atambutse atya. Wenda kizaba ari igihe njye, nzaba narangije, murabona, ubwo nzaba narangije, cyangwa ikintu kimwe.

Ni ibiki? Bari bagarautse. Bakoraga ibishoboka byose, baragarukaga, bagerageza gusubira mu murongo; ni uko amaso yabo yari ahandi, barebaga iryo torero ryaburiye mu gihirahiro. Ariko ababiri… Ab'imbere, habe na mba. Ab'inyuma, gusa babiri cyangwa batatu bo muri bo, ni bo basaga n'abasohotse mu murongo, berekeza iburyo, kandi basaga n'abashakaga gusubira mu murongo, ubwo bari mu karasisi. Ni bwo bari bakinyura imbere yanjye, yoo, bari wenda nko mu ntera yo kuva imbere yanjye ugana kuri kiriya gikuta. Kandi nari mpagaze aho. Maze rero, nabonye ibyo byose binjya kure, bigenda.

Ariko, niba mwitegereza, itorero ryahingutse rimwe gusa, buri gihugu, itorero. Ariko Umugeni yahingutse incuro ebyiri. Murabona? Mwaba mubona icyo byari cyo? Nyamara, sinari mbizi, ahubwo mubigereranye n'Ubutumwa bwanjye bw'iki gitondo. Nta byo nari nzi. Murabona?

114 Imbuto yaguye mu butaka i Nikeya. Iriya, yari Imbuto y'intangiriro. Kandi Yarakozwe, Yasohotse muri ayo madini yose, yo, akaba yarabayeho incuro imwe gusa. Ariko Umugeni aragarutse mu bihe bya nyuma. "Nzabashumbusha." Mwaba mubona, Umurimo uhebuje warabumbwe. Ngiyo impamvu Yahingutse, Yagenzuwe, ku ncuro ya kabiri. Yagenzuwe ku ncuro ya mbere, hanyuma, Agenzurwa ku ncuro ya kabiri. Kandi ku ncuro ya kabiri, Yari ahuye neza neza no ku ncuro ya mbere. Yoo, Mana, gira impuhwe! Tebuka, tebuka, tebuka, Buzima, injira mu Mpeke, wihuse! Yego.

115 Abandi bose nta wongeye guhinguka. Bongeye kugenda, ubutazongera kugaruka.

Ariko Umugeni yaragarutse, kuko Yari Alufa na Omega. Imana, Umuconzi ukomeye, YikoreyeUmurimo uhebuje, kuko Ari agace k'Umurimo Wayo wa mbere. Nk'uko Yari yarabigenje mu ngobyi ya Edeni, kandi Yari yarafashe umurimo uhebuje maze maze Ikuramo agace, hanyuma aka gace karagwa, none dore ngo Irakoresha kiriya gihe cyose kugira ngo Yongere kubyubaka. Kandi Yubatse uwo Murimo uhebuje, wkubiswe, kugira ngo… Kiriya gice, cyakubiswe, kwari ukugira ngo hagaruke uwo murimo uhebuje.

Rero, Umurimo uhebuje n'Umwana w'Imana, Umurimo uhebuje n'Umugeni, ni agace Kayo, kagomba kuba ugusohora kw'Ijambo. Ijambo ryarasohoye, none twiteguriye Ukuza k'Umwami.

116 Yemwe Torero ry'Imana nzima, nimucishe bugufi imitima yanyu, n'abo muri bo imbere y'Imana. Ibi bintu ni iby'ukuri. Nzi ko twaba duhaswe kwemera ko ikintu cyiza cyane nk'icyo cyajyaga by'ukuri gusakara mu isi yose. Nta byigeze bibaho. Ntijya Ihindura imikorere Yayo. Mushime gusa, Torero, mushime kuba muri aho muri none, niba muri muri Kristo. Mu by'ukuri, murabona, buriya, kandi iyo…

Nimwibuke, ubu Buzima buzateranirizwa mu Mpeke, kugira ngo buzuke, ariko agati kagomba gutwikwa. Ibisigaye byose, umurama, n'ibindi, bigomba gutwikwa, kandi bizatwikwa. Ntimukiringire amadini yanyu. Mugume mu Ijambo, Ubuzima, Imana n'Umurimo uhebuje Wayo.

Rero, mu Ngoma y'imyaka igihumbi, ni ibiki? Kristo n'Umugeni We, bagarutse mu ngobyi y'Ingoma y'imyaka igihumbi. Amina!

Ndamukunda, ndamukunda,

Kuko ari We Wabanje kunkunda

Hanyuma Akandonkera agakiza

I Kaluvari ku giti.

117 Ni aho Yakubitiwe. "Twamutekereje nk'Uwahanwe n'Imana, kandi Akababazwa na Yo. Ahubwo Yakomerekejwe ku bw'ibicumuro byacu, Ashenjagurwa ku bwo gukiranirwa kwacu."

Mbese muri iki gitondo, hari uwaba atari muri iyo Mpeke muri iki gitondo? Ubuzima buriho buratandukanya n'umurama agace kabwo kanyuma, kuko umurama uriho wuma. Ni bangahe bazi ko idini ry'abapantekote ririho ryuma? [Iteraniro riti: "Amina." - U.I.] Ni ibiki? Ubuzima buwuvamo. Mu by'ukuri,

ntabugihari. Kandi niba twarabonye umusogongero w'iyerekwa ry'Umugeni, muri icyo gihe nibaza niba Umugeni atamaze kuzura. [Mwene Data Branham atangira gushugunda Ndamukunda.]

…mukunda, ndamukunda,

Kuko ari We wabanje kunkunda

Akandonkera agakiza

I Kaluvari ku giti.

118 Twubitse umutwe noneho. Haba hari abantu hano bifuzaga ko tubibuka? Niba mufite amarangamutima ko muta-…

Ncuti zanjye, bikabije gusobanuka. Mu buzima bwanjye sinigeze ngira iyerekwa ngo habure ikiba nyuma y'aho. Ndavuga Ukuri. Ibindi bihe byose, niba naravuze Ukuri, Imana ikabihamya, rero, ndavuga Ukuri kuri iyi ncuro.

Sinzi igihe turimo, ariko nzi ko ari nta gisigaye. Nta munyapolitiki n'umwe washobora kubogora ibintu. Politiki, igihugu cyarangiritse. Yoo Mana! Mwaba mushobora, mwaba mushobora kujya mu burebure mu buryo buhagije ngo-ngo-ngo mube mwabyumva. Igihugu cyarangiritse; si igihugu, ahubwo ni amahanga. Iki gihugu ni cyo kiruta ibindi byose, ariko cyarangiritse. Rero, niba amahanga yarangiritse, isi yarangiritse. N'amadini, ku bwanjye, iry'abapantekote, ni ryo riruta ayigeze kubaho, ariko ryarangiritse.

Yoo Mana, tugirire impuhwe!

119 Niba mutamuzi, ndabinginze, nimwihute, nimwihute. Niba mushobora kumva Ubuzima, nimusohoke muve mu byaha byanyu, musohoke aho muri. Mujye mu Mpeke, mwihuse. Mu ruti, cyangwa mu murama, muzapfa.

Musenge igihe turirimba, noneho. "Ndamukunda."

Ahasigaye ni ahanyu noneho. Nta dini na rimwe dufite, nta n'ikindi. Icyo dufite cyonyine, ni Kristo. Tubararikiye kuramya hamwe na We, hamwe na twe, kugeza igihe Azazira. Nta bwo twashobora kwandika amazina yanyu mu gitabo; nta bitabo dufite. Turashaka kubona izina ryawe mu Gitabo cy'Ubugingo. Ni mu Kuvuka gusa uzashobora kubigeraho. Ntiwaba ushaka kubikora none aha? Saba Kristo Ubugingo bushya, ngo Akwinjize, Ashyire izina ryawe mu Gitabo Cye, niba ritarimo. Ni bwo, uzashobora gusabana na twe, twifuzaga cyane kukubona hamwe na twe. "nda-…"

120 Mana dukunda, dufashe buri wese muri twe kwisuzuma, ngo tubone niba turi muri We. Waradukunze. Waradukubitiwe, kandi twagufashe nk'Uwakubiswe ukanababazwa n'Imana. Ndagusabye, yoo Mana, guhamagara buri wese. Mwami, vugisha abana banjye, abakundwa banjye, incuti zanjye. Bidukorere, Mwami, none aha, mu Izina rya Yesu Kristo.

He kugira utinda, Mwami. Wagira ngo bikabije kutwegera. Ibisarurwa bireze by'ukuri. Umusaruzi ukomeye w'Imana agiye kuzenguruka igihugu bidatinze, umurama uzatumuka impande zose, na ho Ingano zihunikwe mu kigega, zizamuwe, kuko muri We hari Ubugingo. Twemerere, Mwami, buri gisabisho gisubizwe, buri sengesho rigaragazwe imbere Yawe.

Ndabasabiye, Mwami. Ngusabye ngo We kugira umuntu n'umwe ureka ngo arimbuke hano, Mwami. Ba-ba-baracyicaye mu buryo butaboroheye; ba-ba-bagenda ibilometero amagana n'amagana mu modoka. Rero, icyo dukeneye, kiduhe, Mwami, ikitubereye cyiza, Mwami; atari ikibereye cyiza amaso yacu, ahubwo ikibereye cyiza amaso Yawe. Turashaka kuba umwari wera, wahanwe, wacyashywe n'Imana, kugira ngo tubashe kwezwaho ibyaha byacu.

Ni ryo sengesho ryanjye, mbasabira, Mwami.

121 Sinzi uko basenga. Tu-tuvugisha Imana Ikomeye. None ni ikihe kiremwamuntu, ni nde muntu wabona isengesho rikwiye, imbere y'Imana nzima? Ariko, Mwami, amagambo yanjye avugitse nabi, n'ama-n'amazina yanjye n'ibinyazina byanjye aho-aho bidakwiye; niba Warashoboye gufata inyuguti za alufabe, igihe kimwe, maze-maze Ugakuriramo umwana w'umuhungu interuro, -Ushobora guhumiriza ku mazina yanjye n'ibinyazina byanjye, hanyuma Ukirebera ibyo nizera gusa, Mwami.

Ndakwizera. Iri Jambo ndaryizera. Kandi nizereye buri muntu wese uri hano. Kandi mba-mbazanye kuri iki Gicaniro, Mwami, mu kwizera, aho hagati yacu na Yehova Ukomeye, hari Amaraso y'Umwana We, Yesu. Kandi Amaraso azatuvugira. Ubwo Wamukubitaga i Kaluvari, Wavuze uti: "Vuga!" "Mumwumvire!" "Kandi Amaraso", Bibiliya ivuga iti, "Kandi Amaraso avuga neza kurusha amaraso y'umwana w'intama w'Isezerano rya Kera, kuko Amaraso ya Kristo avuga neza kurusha ay'Abeli; ibintu biruseho." Vuga, Mwami, iby'icungurwa ryacu, mu gihe tukwiyambaje tunyuze mu Maraso.

122 Data w'Ubugingo Mwiza, dushyiremo, Mwami. Niba twarakoze ibyaha, bidukuremo. Ntidushaka kumera

dutyo, Mwami. Si cyo tugendereye.

Turabona ko turi mu nzira iteye ubwoba, yijimye by'ukuri. Nk'uko twabivugaga mu ntangiriro, turagenda tuzamuka umusozi, turanyura ahantu hadashobotse. Inzira tunyuramo irijimye, ariko dutwaye Umucyo. Imana idufashe kubona inzira intambwe ku yindi, mu gihe dutera agatambwe noneho; kugeza ubwo tuzabonana, nko mu Rugendo rw'Umugenzi, kugeza ubwo tuzagera mu mpinga y'Umusozi. Tuyobore, yoo Mushumba. Yehova Ukomeye, tuyoboze Mwuka Wawe.

Tuzi ko turi kure yo kuba umurimo uhebuje; ariko tuzirikana aho twaconzwe tuva, Umurimo uhebuje nyakuri, kandi ni We twizera. Mudushyire byonyine, Mwami.

123 Kiza abarwayi bose bari hano, Mwami. Yakomerekejwe kubw'ibyaha byacu. Umurimo Uhebuje w'Imana warakubiswe. Yakomerekejwe kubw'ibyaha byacu, kubw'inkovu Ze twarakijijwe. Twakijijwe indwara zacu, Mwami, mu Bwiza bwawe bwa Kimana, mugihe tuzi ko uri hano ubu.

Eza ubugingo bwacu, imitima yacu, mwo ikibi cyose, igitekerezo kibi cyose, ijambo ribi ryose, ikibi cyose. Tweze. Kandi tugusabye, Dawe, gukiza uburwayi bwacu, kandi tuve hano n'amarangamutima ko turi abana Bawe bejejwe. Kandi dutwikiriwe n'Amaraso, tuvugira mu Maraso, Ijambo. Biduhe, Mwami. Tubisabye mu Izina rya Yesu Kristo. Amina.

124 Mana Data wa twese, kuri iyi mishwari, Yisigishe Ubwiza Bwawe, Mwami. Ubwiza Bwawe bubane na yo, aho izajya hose. Aho izarambikwa, umubiri urwaye wose uzakire. Kandi icyo byaba cyo cyose, niba hari ahari umuryango urimo umwiryane, uwunge, Mwami, Umuconzi ukomeye. Bidukorere, Mwami.

Duconge, maze Utugire abahungu n'abakobwa b'Imana. Twizera ko Umugeni ariho ahabwa inogereza rya nyuma. Azakurwa mu idini mu buryo bwuzuye, bikazaba isarura rikomeye. Kugeza kiriya gihe, Mwami, bahe ubuzima buzira umuze kandi banezezwe no kugukorera. Mu Izina rya Yesu.

Ndamukunda, nda-… (Mwaba mumukunda by'ukuri?)

Kuko ari We wabanje kunkunda

Maze Akandonkera agakiza

I Kaluvariyo ku Giti.

125 Mbese noneho murasobanukirwa impamvu mbatonganya? Si uko mbakunda… si uko ntabakunda. Ndabakunda, by'ukuri. Ndashakira Umutware Umurimo uhebuje. Byashobora kumbera ngombwa gushikuza bamwe gutya, ariko nzabona Umurimo uhebuje bidatinze, niba nywukomeje womatanye n'iri Jambo. Ni byo.

Nyamara, Yesu yavuze ati: “Iki ni cyo bose bazabamenyeraho ko muri abigishwa Banjye, ni igihe muzaba mukundana hagati yanyu.” Twakagombye kuba dukundana cyane hagati yacu!

Hahabwe umugisha umurunga

Utwungira ubumwe muri Kristo,

Urukundo rwera, urukundo rwa Kimana

Ducuncumurirwamo na Mwuka.

**Dufatane urunana.**

Niba tugomba aho bukera

Kuva aha hantu h'umugisha,

Tuzahurira hariya hejuru,

Twunze ubumwe by'iteka.

Ambara Izina rya Yesu,

Wowe, mwana w'agahinda;

Azaguha umunezero,

Ryitwaze aho ujya hose.

Zina ry'agaciro, Zina ryiza!

Ibyiringiro by'isi, umunezero w'Ijuru.

**Noneho, mwibuke, mu rugendo rwanyu:**

Ambara Izina rya Yesu,

Nk'ingabo y'umutamenwa;

Iyo ibishuko n'ibigeragezo bi-… (Ni iki

Ukora?) … -hingutse,

Shugunda gusa iryo Zina ryera usenga.

Yoo Zina ry'agaciro, Zina ryiza!

Ibyiringiro by'isi, Umunezero w'Ijuru;

Zina ry'agaciro, Zina ryiza!

Ibyiringiro by'isi, umunezero w'Ijuru.

Kugeza igihe tuzahurira!

Twubike imitwe.

(Yoo, nkunda kuririmba!)

Kugeza igihe tuzahurira ku birenge bya Yesu;

Kugeza igihe tuzahurira!

Kugeza igihe tuzahurira!

Imana ibane na mwe!

MESSAGE online hub
www.messagehub.info

Ibibwirizwa bya
William Marrion Branham
"…mu minsi y'ijwi …" Ibyah. 10:7